REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RW' IKIRENGA

# RAPORO Y ' IBYAGEZWEHO N ' URWEGO RW ' UBUCAMANZA MU MWAKA WA 2020-2021

REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RW' IKIRENGA

# RAPORO Y ' IBYAGEZWEHO N ' URWEGO RW ' UBUCAMANZA MU MWAKA WA 2020-2021

## ISHAKIRO


IJAMBO RY'IBANZE……………………….........………………………………………………………….......8

I. INTANGIRIRO……………………………………………………………..….………………...10

II. GUTANGA UBUTABERA BUNOZE KANDI BWIHUSE……………………………………………….11

II.1 Gutanga ubutabera bwihuse…………………………………………………………………...11

II.1.1 Kwakira ibirego no gushunguramo ibitujuje ibisabwa………………………………………..11

II.1.2 Ibirego byarangiriye mu nama ntegurarubanza……………………………………………..15

II.1.3 Imanza abacamanza bumvikanishijemo ababuranyi…………………………………………16

II.1.4 Igihe urubanza rumara mu rukiko rutegereje kuburanishwa…………………………………18

II.1.6 Imanza zaciwe……………………………………………………………………………..24

II.1.7 Imanza zasubitswe…………………………………………………………………………26

II.1.8 Imanza zisigaye mu nkiko n'izabaye ibirarane………………………………………………27

II.1.9 Ibyemezo byafashwe ku ifunga cyangwa ifungura by'agateganyo………………………..29

II.1.10 Imanza ku byaha bigira ingaruka zihariye ku gihugu………………………………………30

II.1.11 Imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu nkiko za gisirikare…………………………………..31

II.2 Gutanga ubutabera bunoze……………………………………………………………………32

II.2.1 Guhuza imicire y'imanza…………………………………………………………………...33

II.2.2 Imanza zahinduwe mu bujurire……………………………………………………………..37

II.2.3 Imanza zasubirishijwemo ku mpamvu z'akarengane…………………………………………38

III. KWITA KU MIYOBORERE MYIZA MU NKIKO…………………………………………………42

III.1 Kurwanya ruswa mu nkiko no kwita ku myitwarire ikwiye y'abakozi b'inkiko…………………42

III.1.1 Kurwanya ruswa…………………………………………………………………………...42

III.1.2 Kwita ku myitwarire izira amakemwa y'abacamanza n'abakozi b'inkiko………………...44

III.2 Gutsura umubano n`Inzego z`Ubucamanza mu bindi bihugu…………………………………...45

III.3 Kubaka ubushobozi bw'abakozi……………………………………………………………….46

II.4 Gutegura ibiganiro n`abafatanya bikorwa mu gushaka ibisubizo ku bibazo bigaragara mu manza……………………………………………………………………………………………47

II.5 Kwita ku ihame ry`uburinganire mu bakozi b`inkiko……………………………………………49

III.6. Kumenyesha abaturage imikorere y'inkiko……………………………………………………50

III.7 Ibikorwa byari biteganijwe mu iteganyamigambi n`uburyo ryashyizwe mu bikorwa……..........51

III.7.1 Ibikorwa uko byari biteganyijwe n'uko byabonye Ingengo y'Imari…………………………51

III.7.2 Uko ingengo y`imali yakoreshejwe…………………………………………………………...52

III.7.3 Umusaruro wari witezwe n`umusaruro wabonetse……………………………………...53

IV. UMWANZURO……………………………………………………………………………...55

IMIGEREKA……………………………………………………………………………………….58

Umugereka wa I: IBIREGO BYAKIRIWE N'INKIKO N'IBYEMEZO BYAFASHWE N'UBWANDITSI……58

Umugereka wa II: IMANZA ZINJIYE………………………………………………………………60

Umugereka wa III. IMANZA ZACIWE……………………………………………………………….63
UMUGEREKA WA IV: IMANZA ZASIGAYE MU MPERA ZA KAMENA 2020………………………...65
UMUGEREKA WA V: IMANZA Z'IBIRARANE MU MPERA ZA KAMENA 2020……………………….67
UMUGEREKA WA VI: IGIHE URUBANZA RUTEGEREZA KU BURANISHWA MU RUKIKO…………...69
UMUGEREKA WA VII: IBIKORWA RUSANGE BYARI BITEGANIJWE N`INGENGO Y`IMARI BYAHAWE…………………………………………………………………………………………71
UMUGEREKA WA VIII: IBIKORWA BYARI BITEGANIJWE MU MISHINGA Y`ITERAMBERE Y`INGENGO Y`IMARI BYAHAWE……………………………………………………………………………..72
UMUGEREKA WA IX: UKO INGENGO Y`IMARI ISANZWE YAKORESHEJWE…………………….73

# URUTONDE RW`IMBONERAHAMWE


Imbonerahamwe 1: Igereranya ry`imyaka 2 ku birego byinjiye mu Nkiko z`Ibanze…………..............12
Imbonerahamwe 2: Akazi kakozwe ku birego byatanzwe mu Nkiko zisumbuye n`Inkiko Nkuru…........13
Imbonerahamwe 3: Igereranya ku kazi kakozwe mu Nkiko zisumbuye n`Inkiko nkuru mu kwakira ibirego muri iyi myaka ibiri………………………………………………………………………………14
Imbonerahamwe 5:Ibirego byarangiriye mu nama ntegurarubanza…………………………………….15
Imbonerahamwe 6: Igereranya ry`ibirego byarangiriye mu ntegurarubanza mu myaka 2…………..16
Imbonerahamwe 7: Imanza abacamanza bafashijemo ababuranyi kumvikana………………………..17
Imbonerahamwe 8: Igihe urubanza rumara rutegereje kuburanishwa………………………………...18
Imbonerahamwe 9: Igereranya ry`imyaka 2 ku gihe urubanza rutegereza mu rukiko………………..18
Imbonerahamwe 10: Imanza zinjiye mu Nkiko z`Ibanze……………………………………………….19
Imbonerahamwe 11: Izinjiye mu Nkiko Zisumbuye n`Inkiko Nkuru……………………………………..20
Imbonerahamwe 12: Igereranya ku manza zinjiye muri iyi myaka ibiri………………………………20
Imbonerahamwe 13:Imanza zinjiye mu nkiko ukurikije ubwoko bwazo………………………………..21
Imbonerahamwe 14: Igereranya ku myaka 2 mu bwoko bw`imanza zinjiye…………………………22
Imbonerahamwe 15:Imanza z'ubucuruzi ukurikije ubwoko bwazo……………………………………22
Imbonerahamwe 16: Igereranya mu myaka 2 ku bwoko bw`imanza z`ubucuruzi zinjiye…………….23
Imbonerahamwe 17:Imanza zaciwe kuri buri rwego rw'inkiko…………………………………………..24
Imbonerahamwe 18: Igereranya ku manza zaciwe muri iyi myaka 2…………………………….......25
Imbonerahamwe 19: Imanza zasubitswe……………………………………………………………….26
Imbonerahamwe 20: Igereranya ku manza zisubikwa muri iyi myaka 2…………………………….…26
Imbonerahamwe 21:Imanza zasigaye mu Nkiko mu mpera z'umwaka………………………………..27
Imbonerahamwe 22: Igereranya ku manza zisigaye mu nkiko muri iyi myaka 2……………………...27
Imbonerahamwe 23: Imanza zabaye ibirarane mu nkiko………………………………………………..28
Imbonerahamwe 24: Ijanisha ku manza z`ibirarane ugereranije n`iziri mu nkiko zose………………..28
Imbonerahamwe 25: Impinduka zabaye mu manza z`ibirarane mu myaka 2………………………...29
Imbonerahamwe 26:Ibyemezo byafashwe ku ifunga cyangwa ifungura by'agateganyo……………30
Imbonerahamwe 27:Imanza ku byaha bigira ingaruka zihariye ku gihugu…………………………...30
Imbonerahamwe 28: Impinduka zabaye mu manza zigira ingaruka ku gihugu muri iyi myaka 2…….31
Imbonerahamwe 29: Imanza zahinduwe mu bujurire……………………………………………………37
Imbonerahamwe 30: Igereranya ry`imanza zihindurwa mu bujurire muri iyi myaka 2……………….38
Imbonerahamwe 31:Imbonerahamwe y'imanza zasabiwe gusubirwamo n'Urwego rw'Umuvunyi…….39
Imbonerahamwe 32: Imanza zohererejwe ba Perezida b`inkiko zisabirwa gusubirwamo…………....40
Imbonerahamwe 33: Igereranya ku isesengurwa rikorwa ku manza zohererezwa abaperezida…….40
Imbonerahamwe 34:Imanza z'akarengane zaciwe n'izahinduriwe ibyemezo…………………..……...41
Imbonerahamwe 35: Igereranya ku myaka 2 mu manza z`akarengane zaciwe……………………...41
Imbonerahamwe 36: Ibyemezo Inama Nkuru y`Ubucamanza yafashe ku myitwarire y`abacamanza n`abanditsi………………………………………………………………………………………44
Imbonerahamwe 37:Amahugurwa y'abacamanza n'abanditsi……………………………………….46
Imbonerahamwe 38:Ihame ry'Uburinganire mu nzego zigize Urwego rw'Ubucamanza………………49
Imbonerahamwe 39:Ibipimo by`umusaruro wari witezwe n`uwabonetse……………………………...53

## URUTONDE RW`AMASHUSHO

Ishusho 1: Igereranya ry`imyaka 2 ku birego byandikwa n`ibisubizwa inyuma…………........13
Ishusho 2: Igereranya ku birego byandikwa n`ibisubizwa inyuma muri iyi myaka 2……….....15
Ishusho 3: Imanza mu Rukiko rwa Gisirikare………………………………………………….31
Ishusho 4: Imanza mu Rukiko Rukuru rwa Gisirikare…………………………………………..32

## IBISOBANURO KU MPINAMAGAMBO

| | |
|---|---|
| CHC: | Commercial High Court |
| CoA: | Court of Appeal |
| HC: | High Court |
| HCCIC: | High Court Chamber for International Crimes |
| SC: | Supreme Court |
| TB: | Tribunal de Base |
| TGI: | Tribunal de Grande Instance |
| IECMS: | Integrated Electronic Case Management System |
| JPMS: | Judicial Performance Management System |
| COVID-19: | Coronavirus disease 2019 |
| TOT: | Training of trainers |

## IJAMBO RY'IBANZE



Dr. Faustin NTEZILYAYO
*Chief Justice*

Buri mwaka, Urwego rw'Ubucamanza rutegura kandi rugatangariza abanyarwanda raporo igaragaza ibyo rwagezeho. Raporo y` umwaka wa 2020/2021 ikubiyemo ibyo rwagezeho mu ntumbero yarwo yo guha abarugana ubutabera bunoze kandi butanzwe mu gihe gikwiye.

Ibyakozwe n`umusaruro wabonetse biri mu ngeri zitandukanye uhereye ku buryo ibirego biza mu nkiko bisesengurwa, imanza zinjira mu nkiko, izicibwa, izo inkiko zafashijemo ababuranyi kumvikana, izisigaye ndetse n`izabaye ibirarane. Raporo igaragaza kandi uko imanza zihindurwa haba mu bujurire busanzwe ndetse no mu manza zisabirwa gusubirwamo ku mpamvu z`akarengane. Igaruka kandi ku bikorwa bitandukanye byakozwe mu kuzamura ubudakemwa bw`imanza harimo gutegura no gutangaza ibyegeranyo by`ibyemezo by`inkiko bifasha mu guhuza imicire y`imanza mu nkiko. Iyi raporo nanone yerekana ibikorwa bitandukanye byakozwe mu rwego rwo kwimakaza imiyoborere iboneye nk`umusemburo ufasha inkiko mu kugera ku ntego yo gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse.

Iyi raporo igaragaza ko igihe urubanza rumara rutegereje kuburanishwa cyabaye amezi 10 kivuye ku mezi 4 umwaka ushize. Ibi niko byagenze no kubirarane kuko uyu mwaka byazamutseho 47% ugereranije n`umwaka ushize. Ibi bikaba bijyana n`uko imanza zinjira zikomeza kuzamuka buri mwaka ku muvuduko uruta izicibwa n`umubare w`abazica. Ikindi kigaragazwa n`iyi mibare ni uko inkiko zaciye imanza zijya kungana n`izo zaciye umwaka ushize n'ubwo muri uyu mwaka akazi kakozwe mu bihe bidasanzwe kubera icyorezo cya COVID-19. Ibi Urwego rw`Ubucamanza rukaba rubikesha imbaraga rwashoye mu ikoranabuhanga ryatumye rubasha gukomeza guca imanza zimwe na zimwe no mu bihe ingamba zo kwirinda icyorezo zasabaga gukorera mu rugo.

Imibare igaragaza ko imanza zinjira ziyongereyeho 5% mu gihe izaciwe zo ziyongereyeho 2%. Izo abacamanza bafashije ababuranyi kumvikana zo ziyongereyeho 42% kuko zavuye 43 zikagera kuri 61, abumvikanye mu nama ntegurarubanza bo biyongereyeho 1%. Ibi biragaraza ko inzira yo gukemura ibibazo mu bwumvikane igenda imenyerwa n'ubwo abayitabira bakiri bake ugereranije n'abahitamo kuburana.

Raporo igaragaza kandi ko ikigero cy`imanza zihindurwa mu bujurire busanzwe cyabaye 7% mu gihe umwaka ushize zari kuri 5%. Isesengura ku manza

zasabiwe gusubirwamo ku mpamvu z`akarengane harebwe izafashweho icyemezo cya nyuma, ryagaragaje ko izabonetsemo akarengane ziri kuri 3%.

Urwego rw`Ubucamanza rurishimira ko n'ubwo uyu mwaka warimo ingaruka z`icyorezo cya COVID-19 cyabangamiye imikorere isanzwe, rwakomeje guha abanyarwanda ubutabera. Nubwo bimeze bityo uru rwego ruracyafite imbogamizi zibangamiye intego yarwo yo gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse harimo kubura ingengo y`imari yo kubakira inkiko z`ibanze zahujwe mu myaka itatu ishize kandi aho zikorera uretse kuba hato n'inyubako zikaba zishaje cyane. Ikibazo kindi kigaragara ni imanza zikomeza kwiyongera mu gihe umubare w`abacamanza udahinduka ku rugero rw`ubwiyongere bwazo. Urwego rw`Ubucamanza ruzakomeza gufatanya n`izindi nzego mu gushakira hamwe umuti urambye ibi bibazo.

Urwego rw`Ubucamanza rurashimira abafatanyabikorwa batandukanye bakomeza kurutera ingabo mu bitugu ngo rugeze ku banyarwanda ubutabera bunoze kandi bwihuse. Rurashimira kandi abakozi barwo, abacamanza n`abandi bakozi b`inkiko bakomeje gukorana umurava kugirango abanyarwanda babone ubutabera. Uru rwego rurashimira by`umwihariko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, wakomeje kuruba hafi mu gushaka ibisubizo aho ruhuye n`imbogamizi.

**Dr. NTEZILYAYO Faustin**
**Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na**
**Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza.**

# I. INTANGIRIRO

Ubutegetsi bw'Ubucamanza ni rumwe mu nzego eshatu zigize Ubutegetsi bwa Repubulika y'u Rwanda, hashingiwe ku biteganywa mu ngingo ya 61 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.

Nk'uko biteganywa mu ngingo ya 2 y'Itegeko N° 012/2018 ryo ku wa 04/04/2018 rigena imitunganyirize n'imikorere y'Ubutegetsi bw'Ubucamanza, ubu butegetsi bugizwe n'inzego ebyiri zikurikira: Inama Nkuru y'Ubucamanza n'Urwego rw'Ubucamanza. Ingingo ya 148 y`Itegeko Nshinga rya Repubulika y`u Rwanda yo iteganya ko Ubutegetsi bw`Ubucamanza bushinzwe Urwego rw`Ubucamanza rugizwe n`inkiko zisanzwe n`inkiko zihariye; naho ingingo ya 149 nayo y'Itegeko Nshinga igateganya ko Inama Nkuru y`Ubucamanza ari rwo rwego rukuriye Ubutegetsi bw`Ubucamanza ikaba ari nayo ishyiraho imirongo migari igenga imiyoborere y`Ubutegetsi bw`Ubucamanza.

Mu kuzuza inshingano zabwo, Ubutegetsi bw'Ubucamanza burigenga kandi bukagira ubwisanzure mu micungire y'imari nk'uko biteganywa mu ngingo ya 150 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda. Bugengwa kandi n'amahame akurikira:

1° kuba imanza zicibwa mu izina ry'abaturage kandi ntawe ushobora kwicira urubanza ubwe;

2° kuba imanza ziburanishirizwa mu ruhame keretse iyo urukiko rwemeje ko habaho umuhezo mu buryo buteganywa n`amategeko;

3° kuba urubanza rwose rwaciwe rugomba kugaragaza impamvu rushingiyeho kandi rukandikwa mu ngingo zarwo zose; rugomba gusomerwa mu ruhame hamwe n`impamvu zose uko zakabaye n`icyemezo cyafashwe;

4° kuba ibyemezo by"ubucamanza bigomba gukurikizwa n'abo bireba bose, zaba inzego z'ubutegetsi bwa Leta cyangwa abantu ku giti cyabo; bikaba kandi bidashobora kuvuguruzwa keretse binyuze mu nzira no mu buryo buteganywa n"amategeko;

5° kuba abacamanza bakurikiza itegeko kandi bakora umurimo wabo w'ubucamanza mu bwigenge kandi batavugirwamo n`ubutegetsi cyangwa ubuyobozi ubwo ari bwo bwose;

Urwego rw'Ubucamanza rufite inshingano yo gutanga ubutabera mu izina ry`abaturage, mu buryo bubereye kandi mu bunyangamugayo hagamijwe

kubaka igihugu kigendera ku mategeko, kubahiriza uburenganzira bwa muntu nk`umusingi w`imiyoborere izana impinduka.

Imirimo yo guca imanza iri mu nshingano y'inkiko, zaba izisanzwe cyangwa izihariye.

Inkiko zisanzwe ni Inkiko z`Ibanze (41), Inkiko Zisumbuye (12), Urukiko Rukuru n'ingereko zarwo, Urukiko rw'Ubujurire n'Urukiko rw'Ikirenga.

Inkiko zihariye ni Urukiko rw`Ubucuruzi, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, Urukiko rwa Gisirikare n'Urukiko Rukuru rwa Gisirikare.

Urwego rw'Ubucamanza rwuzuza inshingano zarwo rugendeye ku cyerekezo rwihaye, cyo gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse, hubahirizwa indangagaciro zikurikira: ubwigenge, kubahiriza igihe, kuba indashyikirwa, ubunyamwuga, kutabogama, ubunyangamugayo, kuzirikana umuturage, n'umutimanama.

Mu kuzuza ishingano z'Urwego rw'Ubucamanza, rushyiraho ingamba ari nazo rwubakiraho ibikorwa byarwo birufasha kugera ku ntego ruba rwihaye.

Buri mwaka Urwego rw'Ubucamanza rutegura kandi rugatangaza raporo igaragaza ibyo rwakoze n`umusaruro rwagezeho mu kugera ku ntumbero yo gutanga ubutabera bubereye abanyarwanda. Raporo y`umwaka w`ubucamanza 2020/2021 igaragaza ibyakozwe n`umusaruro byatanze mu gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse no mu kwimakaza imiyoborere iboneye mu nkiko.

## II. GUTANGA UBUTABERA BUNOZE KANDI BWIHUSE

Intego nkuru y'Urwego rw'Ubucamanza, ni uguha abarugana ubutabera bunoze kandi bwihuse. Muri iki gice cy'iyi raporo, haragaragazwa ibyagezweho kuri iyi ntego.

### II.1 Gutanga ubutabera bwihuse

#### II.1.1 Kwakira ibirego no gushunguramo ibitujuje ibisabwa

Kwihutisha imanza bitangirana n`akazi ko kwakira ibirego bitangwa mu nkiko. Ubwanditsi bw`inkiko bureba ikirego cyose cyinjiye, bukagenzura ko cyujuje ibisabwa, ibifite ikibazo bigasubizwa inyuma, ibyujuje ibiteganywa n`amategeko bikandikwa. Ibi bituma ibirego byagombye gufata umwanya

w`umucamanza bitari ngombwa cyangwa se ngo bikerereze ababuranyi kurangiza imanza batsindiye iyo ari ibirego by`ubujurire, bikumirwa.

Mu nkiko z`ibanze, muri uyu mwaka w`ubucamanza wa 2020/2021, abaturage batanze ibirego 53,338 byaje bisangamo ibindi bigera kuri 2,071, byose hamwe biba ibirego 55,409. Ubwanditsi bumaze gusuzuma ibi birego, ibigera kuri 50,633 bwarabyanditse, naho ibirego 2,111 busanga bitujuje ibisabwa bisubizwa inyuma. Umwaka warangiye hari ibirego 2,851 bitegereje gusuzumwa ngo hafatwe icyemezo ku iyandikwa ryabyo.

Imbonerahamwe ikurikira igereranya akazi kakozwe mu bwanditsi bw`inkiko ugereranije n`umwaka ushize mu byerekeye kwakira ibirego.


**Imbonerahamwe 1: Igereranya ry`imyaka 2 ku birego byinjiye mu Nkiko z`Ibanze**

| Isuzuma ry`ibirego mu bwanditsi | 2019/2020 | 2020/2021 | Impinduka |
|---|---|---|---|
| Ibirego byari bitegereje gusuzumwa mu ntangiro z`umwaka | 2,540 | 2,052 | -19% |
| Ibirego abaturage bohereje mu nkiko | 54,740 | 53,338 | -3% |
| Ibirego byose urukiko rwagombaga gusuzuma | 57,280 | 55,390 | -3% |
| Ibirego byose byanditswe | 52,948 | 50,633 | -4% |
| Ibyasubijwe inyuma | 2,910 | 2,111 | -27% |
| Ibirego byose ubwanditsi bwagize icyo bukoraho | 55,858 | 52,744 | -6% |
| Ibyasigaye | 2,052 | 2,851 | 39% |

Nk`uko imbonerahamwe iri hejuru ibigaragaza, ibirego byinjiye mu nkiko z`ibanze byagabanutseho 3% kuko byavuye ku birego 54,740 bigera ku birego 53,338 mu gihe ibirego byose byagombaga gusuzumwa nabyo byagabanutseho 4% ugereranije n`umwaka ushize. Ibirego byasubijwe inyuma kuko bitujuje ibisabwa nabyo bigabanukaho 27% kuko byavuye ku birego 2,910 bigera ku birego 2,111. Ibirego byari bitarasuzumwa mu mpera z`umwaka byo byiyongereyeho 39% aho byavuye ku birego 2,052 bigera ku birego 2,851.

Urebye ingano y`ibirego byandikwa n`ibisubizwa inyuma, muri iyi myaka ibiri, bigaragara ko ijanisha ry`ibirego byandikwa ryazamutse rikava kuri 95% rikagera kuri 96% mu gihe ibisubizwa inyuma byo byagabanutse biva kuri 5% bikagera kuri 4% nk`uko ishusho ikurikira ibigaragaza.

**Ishusho 1: Igereranya ry`imyaka 2 ku birego byandikwa n`ibisubizwa inyuma mu nkiko z`ibanze**




Mu nkiko zisumbuye n`inkiko nkuru, ibirego byakiriwe bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe 2: Akazi kakozwe ku birego byatanzwe mu Nkiko zisumbuye n`Inkiko Nkuru**

| Urukiko | Ibirego bitari byasuzumwa mu mpera za Kamena 2020 | Ibyoherejwe mu nkiko kuva muri Nyakanga 2020 kugera muri Kamena 2021 | Ibyo inkiko zagombaga gusuzuma muri 2020/2021 | Ibirego byose byahawe nimero | Ibirego byasubijwe inyuma | Ibyari bitegereje gusuzumwa mu mpera za Kamena2021 |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Zose hawe | 2,715 | 44,648 | 47,363 | 42,636 | 3,144 | 1,660 |
| Urukiko rw`Ikirenga | 5 | 83 | 88 | 32 | 49 | 7 |
| Urukiko rw`Ubujurire | 1,283 | 1,063 | 2,346 | 1,230 | 813 | 315 |
| Urukiko Rukuru rw`UBucuruzi | 14 | 1,177 | 1,191 | 1,147 | 34 | 13 |
| Urukiko rw`Ubucuruzi | 694 | 2,991 | 3,685 | 2,879 | 735 | 86 |
| Urukiko Rukuru | 180 | 8,475 | 8,655 | 7,678 | 702 | 290 |
| Inkiko zisumbuye | 539 | 30,859 | 31,398 | 29,670 | 811 | 949 |


13

Muri izi nkiko, abaturage batanze ibirego 44,648 bisangamo ibindi 2,715 byose hamwe biba 47,363. Muri ibi birego ibigera kuri 42,636 bingana na 90% byaranditswe, naho 3,144 bingana na 7% byasubijwe inyuma mu gihe 1,660 bingana na 4% byari bitarasuzumwa.

Ugereranije uko ubwanditsi bw`inkiko bwakoze uyu mwaka n`umwaka ushize mu byo gusuzuma ibirego, usanga harimo impinduka zigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.


**Imbonerahamwe 3: Igereranya ku kazi kakozwe mu Nkiko zisumbuye n`Inkiko nkuru mu kwakira ibirego muri iyi myaka ibiri**

| Isuzuma ry`ibirego mu bwanditsi | 2019/2020 | 2020/2021 | Impinduka |
|---|---|---|---|
| Ibirego byari bitegereje gusuzumwa mu ntangiriro z`umwaka | 4,302 | 3,000 | -30% |
| Ibirego abaturage bohereje mu nkiko | 41,688 | 44,648 | 7% |
| Ibirego byose urukiko rwagombaga gusuzuma | 45,990 | 47,363 | 3% |
| Ibirego byose byanditswe | 40,181 | 42,636 | 6% |
| Ibyasubijwe inyuma | 2,966 | 3,144 | 6% |
| Ibirego byose ubwanditsi bwagize icyo bukoraho | 43,147 | 45,780 | 6% |
| Ibyasigaye | 3,000 | 1,660 | -45% |

Ibirego abaturage bohereza mu nkiko byazamutseho 7% biva ku birego 41,688 bigera kuri 44,648 naho ibirego byose inkiko zagombaga gusuzuma byazamutseho 3% biva kuri 45,990 bigera ku 47,363. Ibirego byanditswe nabyo byazamutseho 6% biva ku birego 40,181 bigera ku birego 42,636. Ibirego byasubijwe inyuma nabyo byazamutseho 6%. Ibirego byagize icyo bikorwaho byazamutseho 6% biva ku 43,147 bigera ku birego 45,780. Ibirego byasigaye bitarasuzumwa byo byagabanutseho 45% kuko byavuye ku birego 3,000 bikagera ku birego 1,660.

Ugereranije ijanisha ry`ibirego byandikwa n`ibisubizwa inyuma, usanga iri janisha ritarahindutse nubwo ibirego byaje mu nkiko byazamutse ndetse n`ibisigara bikagabanuka nk'uko bigaragara mu ishusho ikurikira.

**Ishusho 2: Igereranya ku birego byandikwa n`ibisubizwa inyuma muri iyi myaka 2 mu Nkiko zisumbuye n`Inkiko nkuru**




### II.1.2 Ibirego byarangiriye mu nama ntegurarubanza

Mu rwego rwo kwihutisha imanza, inama ntegura rubanza igira uruhare mu kumvikanisha ababuranyi babyifuza bityo bigatuma ababihisemo ibibazo byabo bikemuka vuba bidasabye iburanisha risanzwe. Ibi kandi bifasha ababuranyi mu buryo bwinshi burimo ko umwanya bari kuzamara mu manza bawukoresha ibindi, bikanafasha inkiko kugabanya imanza zigera imbere y`umucamanza.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imanza zanyuze mu nama ntegurarubanza n'izo ubwanditsi bwashoboye kumvikanishamo ababuranyi.

**Imbonerahamwe 4:Ibirego byarangiriye mu nama ntegurarubanza**

| Urukiko | Imanza zanyuze mu nama ntegurarubanza | Izo ababuranyi bumvikanyemo | Ijanisha |
|---|---|---|---|
| Zose | 17,550 | 864 | 5% |
| Urukiko rw`Ikirenga | 22 | 1 | 5% |
| Urukiko rw`Ubujurire | 212 | 5 | 2% |
| Urukiko Rukuru rw`Ubucuruzi | 972 | 23 | 2% |
| Urukiko rw`Ubucuruzi | 2,717 | 230 | 8% |
| Urukiko Rukuru | 1,168 | 15 | 1% |
| Inkiko Zisumbuye | 5,133 | 334 | 7% |
| Inkiko z`Ibanze | 7,326 | 256 | 3% |

Mu birego byanyuze mu nama ntegurarubanza bigera ku 17,550, ibingana na 864 ni ukuvuga 5%, ababuranyi babashije kubyumvikanaho bidasabye ibiranisha risanzwe.

Ugereranije n`umwaka ushize, ibirego ababuranyi bumvikanyemo bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe 5: Igereranya ry`ibirego byarangiriye mu ntegurarubanza mu myaka 2**

| Urukiko | 2019/2020 | 2020/2021 | Impinduka |
|---|---|---|---|
| Zose hamwe | 854 | 864 | 1% |
| Urukiko rw'Ikirenga | 2 | 1 | -50% |
| Urukiko rw'Ubujurire | 2 | 5 | 150% |
| Urukiko Rukuru | 18 | 15 | -17% |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 203 | 23 | -89% |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 34 | 230 | 576% |
| Inkiko Zisumbuye | 291 | 334 | 15% |
| Inkiko z'Ibanze | 304 | 256 | -16% |

Muri rusange imanza zarangiriye mu nama ntegurarubanza ziyongereyeho 1% ziva ku 854 zigera ku 864. Inkiko zongereye umubare w`abumvikanye mu nama ntegurarubanza ni Urukiko rw`Ubucuruzi rwageze kuri 576% aho imanza bumvikanishije zavuye ku manza 34 zikagera ku manza 230, Urukiko rw`Ubujurire rwazamutseho 150%, mu gihe inkiko zisumbuye zazamutseho 15% zikava ku manza 291 zikagera ku manza 334.

Mu nkiko zifite imanza zumvikanishijwe zagabanutse, harimo Urukiko Rukuru rw`Ubucuruzi aho zagabanutseho 89%, Urukiko rw`Ikirenga rugabanukaho 50%, Urukiko Rukuru rugabanukaho 17% mu gihe inkiko z`ibanze zo zagabanutseho 16%.

### II.1.3 Imanza abacamanza bumvikanishijemo ababuranyi

Itegeko n° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, iteganya ko Umucamanza ashobora gushishikariza ababuranyi gukoresha ubwunzi iyo abona ko ari bwo buryo buboneye mu kurangiza impaka, akaba ashobora kubunga ubwe cyangwa akaboherereza mu bwunzi.

**Imbonerahamwe 6: Imanza abacamanza bafashijemo ababuranyi kumvikana**

| Urukiko | Izo abacamanza bumvikanishijemo ababuranyi 2020/2021 |
|---|---|
| Total | 61 |
| Urukiko rw`Ikirenga | 1 |
| Urukiko rw`Ubujurire | 2 |
| Urukiko rwÙbucuruzi | 20 |
| Urukiko Rukuru rw`Ubucuruzi | 2 |
| Urukiko Rukuru | 1 |
| TB GASABO | 1 |
| TB GISENYI | 1 |
| TB KIBEHO | 2 |
| TB KIBUNGO | 4 |
| TB KIGABIRO | 11 |
| TB NDORA | 1 |
| TB NYAKABUYE | 1 |
| TB SAKE | 1 |
| TGI GASABO | 4 |
| TGI GICUMBI | 4 |
| TGI HUYE | 1 |
| TGI KARONGI | 2 |
| TGI NGOMA | 1 |
| TGI NYARUGENGE | 1 |

Muri uyu mwaka, abacamanza bafashije ababuranyi kumvikana mu manza 61. Zikaba zarazamutse ugereranije n`umwaka ushize aho ziyongereyeho 42%. Inkiko zumvikanishije benshi ni Urukiko rw`Ubucuruzi rwumvikanishije imanza 20 na TB Kigabiro yumvikanishije mu manza 11.

Muri izi manza abacamanza bashoboye gufasha ababuranyi kumvikana twavugamo nk'urubanza rwari mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi aho umucamanza yashoboye kumvikanisha ababuranyi bagera kuri 112 baburanaga na Banki, bagashobora kumvikana kandi bagasubirana uburenganzira ku mitungo yabo ifite agaciro kagera ku kuri miliyoni 900 Frw, ikibazo kikaba cyarakemutse burundu mu gihe kigera ku mezi atandatu. Ibi bikaba bigaragaza ko iyi nzira y'ubuhuza ifasha abayitabira mu kurangiza amakimbirane yabo vuba kandi bitabaye ngombwa kuburana.

### II.1.4 Igihe urubanza rumara mu rukiko rutegereje kuburanishwa

Mu rwego rwo gusuzuma uko gutanga ubutabera mu gihe gikwiye bigerwaho, habarwa igihe urubanza rutegereza ngo rutangire kuburanishwa. Muri uyu mwaka impuzandengo y`igihe urubanza rutegereza cyageze ku mezi 10 nk`uko iyi mbonerahamwe ibigaragaza.

**Imbonerahamwe 7: Igihe urubanza rumara rutegereje kuburanishwa**

| Urukiko | Imanza zisigaye mu mpera za kamena 2021 | Imanza zicibwa ku kwezi | Impuzandengo y`igihe urubanza rumara |
|---|---|---|---|
| Zose hamwe | 69,813 | 6,774 | 10 |
| Urukiko rw`Ikirenga | 35 | 4 | 9 |
| Urukiko rw`Ubujurire | 1,144 | 32 | 35 |
| Urukiko Rukuru rw`Ubucuruzi | 882 | 108 | 8 |
| Urukiko rw`Ubucuruzi | 738 | 247 | 3 |
| Urukiko Rukuru | 11,379 | 377 | 30 |
| Inkiko zisumbuye | 25,834 | 2,047 | 13 |
| Inkiko z`ibanze | 29,801 | 3,959 | 8 |

Ugereranije n`umwaka ushize, igihe urubanza rumara mu rukiko rutaburaburanishwa cyarazamutse kiva ku mezi 8 kigera ku mezi 10. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza impinduka mu gihe urubanza rutegereza ngo rutangire kuburanishwa.

**Imbonerahamwe 8: Igereranya ry`imyaka 2 ku gihe urubanza rutegereza mu rukiko**

| | 2019/2020 | 2020/2021 | Impinduka |
|---|---|---|---|
| Zose hamwe | 8 | 10 | 25% |
| Urukiko rw'Ikirenga | 4 | 9 | 125% |
| Urukiko rw'Ubujurire | 6 | 35 | 483% |
| Urukiko Rukuru rwUbucuruzi | 14 | 8 | -43% |
| Urukikorw'Ubucuruzi | 4 | 3 | -25% |
| Urukiko Rukuru | 19 | 30 | 58% |
| Inkiko Zisumbuye | 10 | 13 | 30% |
| Inkiko z'Ibanze | 6 | 8 | 33% |

Muri rusange, impuzandengo y'igihe urubanza rutegereza ngo rutangire kuburanishwa cyazamutseho amezi 2 ni ukuvuga 25%. Mu Rukiko rw`Ubujurire cyazamutse ku kigero cya 483% bingana n`amezi 29, mu Rukiko rw`Ikirenga kizamukaho 125% ni ukuvuga amezi 5, mu Rukiko Rukuru kizamukaho 58% ni ukuvuga amezi 11. Mu Nkiko z`ibanze igihe cyazamutseho 33% ni ukuvuga amezi 2, mu Nkiko zisumbuye kizamukaho 30% bingana n`amezi 3. Mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi igihe cyagabanutseho 43% ni ukuvuga amezi 6, mu Rukiko rw`Ubucuruzi kigabanukaho 25% ni ukuvuga ukwezi 1.

### II.1.5 Imanza zinjiye

Umusaruro w`inkiko mu gutanga ubutabera mu gihe gikwiye ujyana n`umubare w`imanza zinjira. Iyo izi manza ziruta izicibwa, byongera umubare w`ibirarane ndetse bigakereza igihe ubutabera bwagombye gutangirwamo.

Muri iki gika hagaragazwa imanza zinjiye muri rusange kuri buri rwego rw'inkiko, izinjiye ukurikije ubwoko bwazo ndetse n'izinjiye zigomba kuburanishwa ku ifunga n'ifungura by'agateganyo.

#### II.1.5.1 Imanza zinjiye mu Nkiko

**Mu Nkiko z`Ibanze**

Nk`uko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza, mu nkiko z`ibanze hinjiye imanza 50,633 harimo imanza 39,420 zigomba kuburanishwa mu mizi n`imanza 11,214 zigomba kuburanishwa ku ifunga n`ifungura ry`agateganyo.

**Imbonerahamwe 9: Imanza zinjiye mu Nkiko z`Ibanze**

| Urukiko | Izinjiye zose | Imanza mu mizi | Ifunga n`ifungura ry`agateganyo |
|---|---|---|---|
| Zose | 50,634 | 39,420 | 11,214 |
| Inkiko z`Ibanze | 50,634 | 39,420 | 11,214 |

Imanza zinjiye ku ifunga n`ifungura ry`agateganyo zigera kuri 22% by`imanza zose zinjiye mu nkiko z`ibanze. Izi manza kandi zaragabanutse ugereranije n`umwaka ushize kuko zavuye ku 17,975 zikagera ku manza 11,214 ni ukuvuga ko zagabanutseho 37%.


19

### Mu nkiko zisumbuye n`inkiko nkuru

Mu nkiko zisumbuye n`inkiko nkuru hinjiye imanza 42,636 harimo imanza 39,439 zigomba kuburanishwa mu mizi n`imanza 3,201 zerekeye ifunga n`ifungura ry`agateganyo.

**Imbonerahamwe 10: Izinjiye mu Nkiko Zisumbuye n`Inkiko Nkuru**

| Urukiko | Imanza zinjiye zose | Mu mizi | | | | Ifunga n`ifungura ry`agateganyo | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Zose hamwe | Ku rwego rwa mbere | Ubujurire ku rwego rwa mbere | Ubujurire ku rwego rwa kabiri | Zose | ubujurire | Urwego rwa mbere |
| Zose hamwe | 42,640 | 39,439 | 24,685 | 13,555 | 1,199 | 3,201 | 3,133 | 68 |
| Urukiko rw`Ikirenga | 32 | 32 | 31 | | 1 | | | |
| Urukiko rw`Ubujurire | 1,231 | 1,231 | 77 | 82 | 1,072 | | | |
| Urukiko Rukuru rw`Ubucuruzi | 1,147 | 1,147 | 116 | 1,031 | | | | |
| Urukiko rw`Ubucuruzi | 2,879 | 2,879 | 2,879 | | | | | |
| Urukiko Rukuru | 7,678 | 7,678 | 527 | 7,025 | 126 | | | |
| Inkiko zisumbuye | 29,673 | 26,472 | 21,055 | 5,417 | | 3,201 | 3,133 | 68 |

Imanza ku ifunga n`ifungura ry`agateganyo mu nkiko zisumbuye zigera kuri 10.7% by`imanza zose zinjiye muri izi nkiko.

Ugereranije n`umwaka ushize, imanza zinjiye zariyongereye nk`uko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza.

**Imbonerahamwe 11: Igereranya ku manza zinjiye muri iyi myaka ibiri**

| Urukiko | 2019/2020 | 2020/2021 | Impinduka |
|---|---|---|---|
| Zose hamwe | 75,188 | 78,859 | 5% |
| Urukiko rw`Ikirenga | 50 | 32 | -36% |
| Urukiko rw`Ubujurire | 292 | 1,231 | 322% |
| Urukiko Rukuru rw`Ubucuruzi | 970 | 1,147 | 18% |
| Urukiko Rukuru | 2,463 | 7,678 | 212% |
| Urukiko rw`Ubucuruzi | 7,867 | 2,879 | -63% |
| Inkiko zisumbuye | 24,945 | 26,472 | 6% |
| Inkiko z`ibanze | 38,601 | 39,420 | 2% |


20

Muri rusange imanza zinjira hatabariwemo iz`ifunga n`ifungura ry`agateganyo ziyongereyeho 5% ugereranije n`umwaka ushize. Mu Rukiko rw`Ubujurire niho hagaragaye ubwiyongere budasanzwe kimwe no mu Rukiko Rukuru kuko ziyongereye kuri 322% na 212% muri buri rukiko. Mu nkiko z`ibanze ho ziyongereye ku kigero cya 31%. Mu Rukiko rw`Ubucuruzi imanza zagabanutse ku kigero cya 63% naho mu Rukiko rw'Ikirenga zigabanuka ku kigero cya 36%.

### II.1.5.2 Imanza zinjiye ukurikije ubwoko bwazo

Imanza zinjiye ukurikije ubwoko bwazo zisesengurwa hakurikijwe izinjiye mu nkiko zisanzwe n`izinjiye mu nkiko z`ubucuruzi.

**Imbonerahamwe 12:Imanza zinjiye mu nkiko ukurikije ubwoko bwazo**

| Ubwoko bw`Imanza | Imanza zose zinjiye | Imanza mu mizi | | | | Ifunga n`ifungura ry`agateganyo | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Zose | Ku rwego rwa mbere | Ubujurire ku rwego rwa mbere | Ubujurire ku rwego rwa kabiri | zose | Ku rwego rwa mbere | Ubujurire |
| Zose hamwe | 93,268 | 78,853 | 64,091 | 13,563 | 1,199 | 14,415 | 11,282 | 3,133 |
| Imanza z'ubutegetsi | 569 | 569 | 426 | 131 | 12 | | | |
| Imbonezamubano | 20,040 | 20,040 | 17,899 | 2,058 | 83 | | | |
| Imanza z'Ubucuruzi | 4,905 | 4,905 | 3,733 | 1,043 | 129 | | | |
| Imanza nshinjabyaha | 63,600 | 49,865 | 39,604 | 9,315 | 946 | 13,735 | 10,813 | 2,922 |
| Ibyaha bimunga ubukungu bw`igihugu | 1,874 | 1,444 | 976 | 463 | 5 | 430 | 273 | 157 |
| Jenoside n'ibyaha biyishamikiyeho | 788 | 538 | 332 | 189 | 17 | 250 | 196 | 54 |
| Imanza z'umurimo | 1,485 | 1,485 | 1,114 | 364 | 7 | | | |
| Imanza zihariye | 7 | 7 | 7 | | | | | |

Nk`uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, imanza nshinjabyaha nizo ziganje kuko zihariye 68% by`imanza zose, ndetse na 63% by`imanza zose hatabariwemo imanza ku ifunga n`ifungura ry`agateganyo.

Ugereranije n`umwaka ushize, impinduka zabaye mu manza zinjiye ukurikije ubwoko bwazo iteye itya:

**Imbonerahamwe 13: Igereranya ku myaka 2 mu bwoko bw`imanza zinjiye**

| Ubwoko | 2019/2020 | 2020/2021 | Impinduka |
|---|---|---|---|
| Zose | 75,186 | 78,853 | 5% |
| Imanza z'ubutegetsi | 505 | 569 | 13% |
| Imanza mbonezamubano | 19,227 | 20,040 | 4% |
| Imanza z'ubucuruzi | 3,987 | 4,905 | 23% |
| Imanza nshinjabyaha | 48,303 | 49,865 | 3% |
| Ibyaha bimunga ubukungu | 1,220 | 1,444 | 18% |
| Jenoside nibyaha biyishamikiyeho | 622 | 538 | -14% |
| Imanza z'umurimo | 1,309 | 1,485 | 13% |
| Imanza zihariye | 13 | 7 | -46% |

Imanza ziyongereye kurusha izindi muri uyu mwaka ni imanza z`ubucuruzi ziyongereyeho 23%, imanza ku byaha bimunga ubukungu bw`igihugu ziyongereyeho 18% mu gihe imanza z`ubutegetsi n`iz`umurimo ziyongereyeho 13%. Imanza mbonezamubano ziyongereyeho 4% mu gihe imanza nshinjabyaha zo ziyongereyeho 3%.

Imanza zagabanutse cyane ni imanza zihariye zagabanutseho 46% n`imanza za jenoside n`ibyaha bifitanye isano nayo zagabanutseho 14%.

Imanza z`ubucuruzi zinjiye ukurikije ubwoko bwazo zigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe 14:Imanza z'ubucuruzi ukurikije ubwoko bwazo**

| Ubwoko bw`imanza | Zose | Ku rwego rwa mbere | Ubujurire ku rwego rwa mbere | Ubujurire ku rwego rwa kabiri |
|---|---|---|---|---|
| Imanza zose | 4,198 | 3,025 | 1,044 | 129 |
| Ishyirwaho n'ivanwaho ry'abagenzuzi babarura umutungo wa sosiyete | 1 | 1 | | |
| Igihombo cy'ubucuruzi | 13 | 1 | 2 | 10 |
| Amasosiyete y'ubucuruzi | 41 | 20 | 8 | 13 |
| Ihiganwa mu bucuruzi no kurengera abaguzi | 1 | 1 | | |
| Imanza ku masezerano cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi | 3,108 | 2,413 | 650 | 45 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| Impaka ku masezerano n'amabanki | 270 | 75 | 163 | 32 |
| Impaka ku masezerano n'ibigo by'imari iciriritse | 434 | 327 | 105 | 2 |
| Impaka ku irangizamutungo, isesa n'ivugurura ry'ibigo by'ubucuruzi biri mu nzira y'igihombo | 27 | 24 | 2 | 1 |
| Impaka ku nyandiko mvunja faranga | 3 | 2 | 1 | |
| Indishyi z'ubwishingizi butari ubw'impanuka zo mu muhanda | 67 | 25 | 35 | 7 |
| Umutungo bwite mu by'ubwenge | 14 | 11 | | 3 |
| Iyandikwa n'ihanagurwa ry'ubucuruzi | 3 | 3 | | |
| Imisoro n'amahoro | 214 | 120 | 78 | 16 |
| Ubwikorezi bw'abantu n'ibintu | 2 | 2 | | |

Mu manza z`ubucuruzi zinjiye mu nkiko zigera ku 4,198, iziganje kuruta izindi ni izerekeye amasezerano y`ubucuruzi zigera ku 3,108, zikurikirwa n`impaka ku masezerano n'ibigo by'imari iciriritse zingana na 434. Izindi ziganje ni impaka ku masezerano n'amabanki zigera kuri 270 n`iz`imisoro n`amahoro zingana na 214.

Ugereranije n`umwaka ushize, imanza z`ubucuruzi zinjira ziyongereyeho 19% nk`uko imbonerahamwe ikurikira ibigargaza.

**Imbonerahamwe 15: Igereranya mu myaka 2 ku bwoko bw`imanza z`ubucuruzi zinjiye**

| Ubwoko bw`imanza | 2019/2020 | 2020/2021 | Impinduka |
|---|---|---|---|
| Imanza z'Ubucuruzi | 3,517 | 4,198 | 19% |
| Ishyirwaho n'ivanwaho ry'abagenzuzi babarura umutungo wa sosiyete | 0 | 1 | 100% |
| Igihombo cy'ubucuruzi | 9 | 13 | 44% |
| Amasosiyete y'ubucuruzi | 27 | 41 | 52% |
| Ihiganwa mu bucuruzi no kurengera abaguzi | 1 | 1 | 0% |
| Imanza ku masezerano cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi | 2,148 | 3,108 | 45% |
| Impaka ku masezerano n'amabanki | 642 | 270 | -58% |
| Impaka ku masezerano n'ibigo by'imari iciriritse | 439 | 434 | -1% |
| Impaka ku irangizamutungo, isesa n'ivugurura ry'ibigo by'ubucuruzi biri | 24 | 27 | 13% |

| | | | |
|---|---|---|---|
| mu nzira y'igihombo | | | |
| Impaka ku nyandiko mvunja faranga | 1 | 3 | 200% |
| Indishyi z'ubwishingizi butari ubw'impanuka zo mu muhanda | 58 | 67 | 16% |
| Umutungo bwite w'ubwenge | 4 | 14 | 250% |
| Iyandikwa n'ihanagurwa ry'ubucuruzi | 1 | 3 | 200% |
| Imisoro n'amahoro | 156 | 214 | 37% |
| Ubwikorezi bw'abantu n'ibintu | 2 | 2 | 0% |

### II.1.6 Imanza zaciwe

Guca imanza ni igikorwa shingiro mu guha abagana inkiko ubutabera mu gihe gikwiye. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imanza zaciwe ku rwego rwa buri rukiko.

**Imbonerahamwe 16:Imanza zaciwe kuri buri rwego rw'inkiko**

| Urukiko | Izaciwe zose | Mu mizi | Ifunga n`ifungura ry`agateganyo |
|---|---|---|---|
| Zose | 74,513 | 60,318 | 14,195 |
| Urukiko rw`Ikirenga | 43 | 43 | |
| Urukiko rw`Ubujurire | 355 | 355 | |
| Urukiko Rukuru rw`Ubucuruzi | 1,183 | 1,183 | |
| Urukiko rw`Ubucuruzi | 2,721 | 2,721 | |
| Urukiko Rukuru | 4,147 | 4,135 | 12 |
| Inkiko Zisumbuye | 22,516 | 19,415 | 3,101 |
| Inkiko z`Ibanze | 43,548 | 32,466 | 11,082 |

Muri uyu mwaka inkiko zaciye imanza 74,513 harimo imanza 60,318 zaciwe mu mizi, n`imanza 14,195 zaciwe ku ifunga n`ifungura ry`agateganyo.

Ugereranije n`umwaka ushize, impinduka zabaye zigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe 17: Igereranya ku manza zaciwe muri iyi myaka 2**

| Urukiko | Imanza zose zaciwe | | | Izaciwe mu mizi | | | Izaciwe ku ifunga n'ifungura | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 2019/ 2020 | 2020/ 2021 | Impinduka | 2019/ 2020 | 2020/ 2021 | Impinduka | 2019/ 2020 | 2020/ 2021 | Impinduka |
| Zose hamwe | 76,349 | 74,513 | -2% | 58,916 | 60,318 | 2% | 17,433 | 14,195 | -19% |
| Urukiko rw'Ikirenga | 132 | 43 | -67% | 132 | 43 | -67% | | | |
| Urukiko rw'Ubujurire | 514 | 355 | -31% | 514 | 355 | -31% | | | |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 749 | 1,183 | 58% | 749 | 1,183 | 58% | | | |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 2,443 | 2,721 | 11% | 2,443 | 2,721 | 11% | | | |
| Urukiko Rukuru | 4,726 | 4,147 | -12% | 4,710 | 4,135 | -12% | 17 | 12 | -29% |
| Inkiko Zisumbuye | 22,221 | 22,516 | 1% | 18,679 | 19,415 | 4% | 3,542 | 3,101 | -12% |
| Inkiko z'Ibanze | 45,563 | 43,548 | -4% | 31,689 | 32,466 | 2% | 13,874 | 11,082 | -20% |

Imanza zose zaciwe zagabanutseho 2%, imanza zaciwe mu mizi ziyongeraho 2% naho imanza ku ifunga n`ifungura ry`agateganyo zigabanukaho 19%.

Mu Rukiko rw`Ikirenga imanza zaciwe zagabanutseho 67%, mu Rukiko rw`Ubujurire zigabanukaho 31%. Mu Rukiko Rukuru zagabanutseho 12% naho mu nkiko z`ibanze zigabanukaho 4%.

Aho imanza zaciwe ziyongereye ni mu Rukiko Rukuru rw`Ubucuruzi aho zazamutseho 58%, mu Rukiko rw`Ubucuruzi zizamukaho 11% mu gihe mu nkiko zisumbuye ho zazamutseho 1%.

Impuzandengo y`imanza zaciwe n`umucamanza umwe ku kwezi zakomeje kuba imanza 22 nk`umwaka ushize.

### II.1.7 Imanza zasubitswe

Isubika ry`imanza ni kimwe mu bigira uruhare mu kongera umubare w`ibirarane mu nkiko. Imibare igaragaza uko imanza zisubikwa mu nkiko ifasha ubuyobozi gufata ingamba zo kurwanya isubika ridafite impamvu yumvikana.

**Imbonerahamwe 18: Imanza zasubitswe**

| Urukiko | Imanza zahamagajwe | izasubitswe | Ijanisha |
|---|---|---|---|
| Zose hamwe | 85,526 | 29,256 | 34% |
| Urukiko rw`Ikirenga | 63 | 31 | 49% |
| Urukiko rw`Ubujurire | 483 | 230 | 48% |
| Urukiko Rukuru rw`Ubucuruzi | 1,263 | 515 | 41% |
| Urukiko rw`Ubucuruzi | 2,776 | 847 | 31% |
| Urukiko Rukuru | 4,949 | 1,677 | 34% |
| Inkiko Zisumbuye | 26,216 | 9,492 | 36% |
| Inkiko z`Ibanze | 49,776 | 16,464 | 33% |

Muri uyu mwaka imanza zasubitswe zageze kuri 34% by`izari zahamagajwe ngo ziburanishwe.

Imbonerahamwe ikurikira igereranya umubare w`izasubitswe uyu mwaka n`umwaka ushize.

**Imbonerahamwe 19: Igereranya ku manza zisubikwa muri iyi myaka 2**

| Urukiko | 2019/2020 | 2020/2021 | Impinduka |
|---|---|---|---|
| Zose hamwe | 22,784 | 29,256 | 28% |
| Urukiko rw'Ikirenga | 37 | 31 | -16% |
| Urukiko rw'Ubujurire | 190 | 230 | 21% |
| Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 509 | 515 | 1% |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 615 | 847 | 38% |
| Urukiko Rukuru | 1,627 | 1,677 | 3% |
| Inkiko Zisumbuye | 6,899 | 9,492 | 38% |
| Inkiko z'Ibanze | 12,907 | 16,464 | 28% |

Muri uyu mwaka, imanza zasubitswe ziyongereyeho 28% kuko zavuye kuri 22,784 zigera kuri 29,256. Urukiko rw`Ikirenga nirwo rwagabanije imanza zasubitsweho 16%. Aho imanza zasubitswe ziyongereye cyane ni mu Rukiko rw`Ubucuruzi no mu Nkiko zisumbuye aho zazamutseho 38%, mu nkiko z`ibanze ziyongeraho 28% naho mu Rukiko rw`Ubujurire zizamukaho 21%. Kubahiriza ingamba zo kurwanya icyorezo cya COVID-19 ni imwe mu mpamvu z'ingenzi zatumye imanza zisubikwa.

### II.1.8 Imanza zisigaye mu nkiko n'izabaye ibirarane

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imanza zisigaye mu nkiko ndetse n'izabaye ibirarane.

**Imbonerahamwe 20:Imanza zasigaye mu Nkiko mu mpera z'umwaka**

| Urukiko | Zose | 2016 | 2017 | 2018 | 2019 | 2020 | 2021 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Zose | 69,813 | 42 | 120 | 684 | 6,535 | 30,013 | 32,419 |
| Urukiko rw`Ikirenga | 35 | 0 | 0 | 4 | 8 | 13 | 10 |
| Urukiko rw`Ubujurire | 1,144 | | | 14 | 14 | 453 | 663 |
| Urukiko Rukuru rw`Ubucuruzi | 882 | 1 | 4 | 2 | 52 | 320 | 503 |
| Urukiko rw`Ubucuruzi | 738 | 0 | 0 | 1 | 4 | 94 | 639 |
| Urukiko Rukuru | 11,379 | 41 | 114 | 117 | 2,111 | 4,758 | 4,238 |
| Inkiko Zisumbuye | 25,834 | 0 | 2 | 19 | 1,955 | 11,856 | 12,002 |
| Inkiko z`Ibanze | 29,801 | | | 527 | 2,391 | 12,519 | 14,364 |

Ugereranije n`umwaka ushize, imanza zisigaye mu nkiko zariyongereye nk`uko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza.

**Imbonerahamwe 21: Igereranya ku manza zisigaye mu nkiko muri iyi myaka 2**

| Urukiko | 2019/2020 | 2020/2021 | Impinduka |
|---|---|---|---|
| Zose hamwe | 52,952 | 69,813 | 32% |
| Urukiko rw'Ikirenga | 51 | 35 | -31% |
| Urukiko rw'Ubujurire | 302 | 1,144 | 279% |
| Urukiko Rukuru rwUbucuruzi | 951 | 882 | -7% |
| Urukikorw'Ubucuruzi | 828 | 738 | -11% |
| Urukiko Rukuru | 7,993 | 11,379 | 42% |
| Inkiko Zisumbuye | 19,478 | 25,834 | 33% |
| Inkiko z'Ibanze | 23,349 | 29,801 | 28% |

Nk`uko iyi mbonerahamwe ibigaragaza, imanza zisigaye mu nkiko zitaracibwa ziyongereyeho 32%. Aho imanza zisigaye ziyongereye ku kigero cyo hejuru cyane ni mu Rukiko rw`Ubujurire aho ziyongereye ku kigero cya 279%, mu Rukiko Rukuru ziyongera ku kigero cya 42%, mu nkiko zisumbuye ziyongeraho 33% mu gihe mu nkiko z`ibanze ho ziyongereyeho 28%. Aho imanza

zagabanutse ni mu Rukiko rw`Ikirenga ku kigero cya 31%, mu Rukiko rw`Ubucuruzi ku kigero cya 11% naho mu Rukiko Rukuru rw`Ubucuruzi zigabanukaho 7%.

**Imanza zabaye ibirarane (imanza zirengeje amezi 6 zitaracibwa)**

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imanza zabaye ibirarane mu nkiko

**Imbonerahamwe 22: Imanza zabaye ibirarane mu nkiko**

| Urukiko | Zose | 2016 | 2017 | 2018 | 2019 | 2020 |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Total | 37,394 | 42 | 120 | 684 | 6,535 | 30,013 |
| Urukiko rw`Ikirenga | 25 | 0 | 0 | 4 | 8 | 13 |
| Urukiko rw`Ubujurire | 481 | | | 14 | 14 | 453 |
| Urukiko Rukuru rw`Ubucuruzi | 379 | 1 | 4 | 2 | 52 | 320 |
| Urukiko rw`Ubucuruzi | 99 | | | 1 | 4 | 94 |
| Urukiko Rukuru | 7,141 | 41 | 114 | 117 | 2,111 | 4,758 |
| Inkiko Zisumbuye | 13,832 | 0 | 2 | 19 | 1,955 | 11,856 |
| Inkiko z`Ibanze | 15,437 | | | 527 | 2,391 | 12,519 |

Imbonerahamwe ikurikira yo igaragaza ijanisha ku manza zabaye ibirarane ugereranije n`imanza ziri mu nkiko.

**Imbonerahamwe 23: Ijanisha ku manza z`ibirarane ugereranije n`iziri mu nkiko zose**

| Urukiko | Ibirarane mu mpera za Kamena 2021 | Imanza zose ziri mu nkiko mu mpera za Kamena2021 | % |
|---|---|---|---|
| Zose | 37,394 | 69,813 | 54% |
| Urukiko rw`Ikirenga | 25 | 35 | 71% |
| Urukiko rw`Ubujurire | 481 | 1,144 | 42% |
| Urukiko Rukuru rw`Ubucuruzi | 379 | 882 | 43% |
| Urukiko rw`Ubucuruzi | 99 | 738 | 13% |
| Urukiko Rukuru | 7,141 | 11,379 | 63% |
| Inkiko Zisumbuye | 13,832 | 25,834 | 54% |
| Inkiko z`Ibanze | 15,437 | 29,801 | 52% |

Nk`uko iyi mbonerahamwe ibigaragaza, mu manza zose ziri mu nkiko, izigera kuri 54% zabaye ibirarane. Urukiko rw`Ikirenga rufite ibirarane bingana na 71%, Urukiko Rukuru rufite 63%, Inkiko Zisumbuye zo zifite 54%, Inkiko z`Ibanze zikagira 52% mu gihe Urukiko Rukuru rw`Ubucuruzi rufite 43% naho Urukiko rw`Ubujurire rukagira 42%.

Ugereranije n`umwaka ushize, usanga ibirarane byarazamutse nk`uko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza.

**Imbonerahamwe 24: Impinduka zabaye mu manza z`ibirarane mu myaka 2**

| Urukiko | 2019/2020 | 2020/2021 | Impinduka |
|---|---|---|---|
| Zose | 25,356 | 37,394 | 47% |
| Urukiko rw'Ikirenga | 33 | 25 | -24% |
| Urukiko rw'Ubujurire | 165 | 481 | 192% |
| Urukiko Rukuru rwUbucuruzi | 568 | 379 | -33% |
| Urukiko rw'Ubucuruzi | 166 | 99 | -40% |
| Urukiko Rukuru | 4,790 | 7,141 | 49% |
| Inkiko Zisumbuye | 8,511 | 13,832 | 63% |
| Inkiko z'Ibanze | 11,123 | 15,437 | 39% |

Nk`uko iyi mbonerahamwe ibigaragaza, imanza zabaye ibirarane zazamutseho 47% ugereranije n`umwaka ushize. Mu Rukiko rw`Ubujurire ibirarane byazamutseho 192%, mu Nkiko zisumbuye bizamukaho 63%, mu Rukiko Rukuru zizamukaho 49% mu gihe mu Nkiko z`Ibanze zazamutseho 39%.

Urukiko rw`Ubucuruzi ibirarane byagabanutseho 40%, mu Rukiko Rukuru rw`Ubucuruzi zigabanukaho 33% mu gihe mu Rukiko rw`Ikirenga ibirarane byagabanutseho 24%.

### II.1.9 Ibyemezo byafashwe ku ifunga cyangwa ifungura by'agateganyo

Muri uyu mwaka inkiko zaburanishije imanza 14,195 ziregwamo abantu 18,788. Muribo 5,024 bafunguwe by`agateganyo, 9,815 bafungwa by`agateganyo, abasigaye bafatirwa ibyemezo bindi biteganywa n`itegeko nk`uko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza.

**Imbonerahamwe 25:Ibyemezo byafashwe ku ifunga cyangwa ifungura by'agateganyo**

| Urukiko | Umubare w`imanza | Ibyemezo byafashwe | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Abarezwe | Bail on condition | Habeas corpus | Ntabwo cyagaragajwe | Provisional Detention | Provisional Detention extension | Provisional release |
| Zose hamwe | 14,195 | 18,788 | 193 | 2 | 2,611 | 9,815 | 1,143 | 5,024 |
| Urukiko Rukuru | 12 | 13 | | | | 10 | | 3 |
| Inkiko zisumbuye | 3,101 | 3,940 | 1 | | 2,299 | 114 | 938 | 588 |
| Inkiko z`ibanze | 11,082 | 14,835 | 192 | 2 | 312 | 9,691 | 205 | 4,433 |

### II.1.10 Imanza ku byaha bigira ingaruka zihariye ku gihugu

Mu byaha bigira ingaruka zikomeye ku gihugu harimo iz'abana, ihohotera rishingiye ku gitsina, ibyaha bimunga ubukungu, ingengabitekerezo ya jenoside, ibiyobyabwenge n'icuruzwa ry'abantu.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imanza zinjiye zifitanye isano n'ibi byaha.

**Imbonerahamwe 26:Imanza ku byaha bigira ingaruka zihariye ku gihugu**

| Urukiko | Ihohoterwa rishingiye ku gitsina | Ibyaha bimunga ubukungu bw`igihugu | Ingengabitekerezo ya jenoside | Ibiyobyabwenge | Gucuruza abantu | Imanza z`abana |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Zose | 1,867 | 554 | 203 | 1,048 | 4 | 630 |
| Urukiko rw`Ikirenga | 1 | | | | | |
| Urukiko rw`Ubujurire | | | | 3 | 1 | |
| Urukiko Rukuru | 51 | 161 | 97 | 51 | 1 | 68 |
| Inkiko Zisumbuye | 1,689 | 313 | 77 | 427 | | 561 |
| Inkiko z`Ibanze | 126 | 80 | 29 | 567 | 2 | 1 |

Ugereranije n`umwaka ushize, imbonerahamwe ikurikira igaragaza impinduka zabayemo.

**Imbonerahamwe 27: Impinduka zabaye mu manza zigira ingaruka ku gihugu muri iyi myaka 2**


| Ibyaha | 2019/2020 | 2020/2021 | Impinduka |
|---|---|---|---|
| **Zose** | **5889** | **4306** | -27% |
| Ihohoterwa rishingiye ku gitsina | 1941 | 1867 | -4% |
| Ibyaha bimunga ubukungu bw`igihugu | 354 | 554 | 56% |
| Ibyaha bimunga ubukungu bw`igihugu | 147 | 203 | 38% |
| Ibiyobyabwenge | 3087 | 1048 | -66% |
| Gucuruza abantu | 2 | 4 | 100% |
| Imanza z`abana | 358 | 630 | 76% |

Muri rusange imanza zerekeye ibi byaha zagabanutseho 27%. Imanza z'ihohotera rishingiye ku gitsina 4%, naho izerekeye ibiyobyabwenge zigabanukaho 66%. Imanza zo gucuruza abantu zo zikubye kabiri, imanza z`abana ziyongeraho 76%, izerekeye ibyaha bimunga ubukungu bw`igihugu ziyongeraho 56% mu gihe iz'ingengabitekerezo ya jenoside zo ziyongereyeho 38%.

### II.1.11 Imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu nkiko za gisirikare

Mu Rukiko rwa Gisirikare, imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye ziboneka mu ishusho ikurikira:


**Ishusho 3: Imanza mu Rukiko rwa Gisirikare**




Ugereranije n`umwaka ushize, imanza zinjiye zariyongereye kuko zavuye 662 zikagera ku manza 729 ni ukuvuga ko ziyongereyeho 10%. Izaciwe zo zavuye kuri 680 zigera kuri 677.

Mu Rukiko Rukuru rwa gisirikare imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye zigaragara mu ishusho ikurikira :

**Ishusho 4: Imanza mu Rukiko Rukuru rwa Gisirikare**




Urukiko Rukuru rwa Gisirikare rwatangiye umwaka rufite imanza 79 rwinjiza imanza 428. Izo rwabashije guca ni 416, umwaka usoza rufite imanza 91.

### II.2 Gutanga ubutabera bunoze

Gutanga ubutabera mu gihe gikwiye ntibyagera ku ntego bitujujwe no gutanga ubutabera bunoze. Ni yo mpamvu Urwego rw`Ubucamanza rugira ingamba n`ibikorwa bitandukanye bigamije kwimakaza ubutabera bunoze.

Muri uyu mwaka, iby'ingenzi byibanzweho muri uru rwego harimo guhuza imicire y'imanza no gusesengura imanza zisabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

Ibipimo bigaragaza ubudakemwa bw'imanza iyi raporo yifashisha harimo kureba imanza zihindurwa mu bujurire no kureba ikigero cy'imanza zisabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane kakaza kubonekamo nyuma yo kuziburanisha ugereranije n'iziba zasabiwe gusubirwamo zose.


32

### II.2.1 Guhuza imicire y'imanza

Guhuza imicire y'imanza bigambiriye gutuma habaho imirongo imwe mu byemezo bifatwa ku bibazo bisa. Ibi bifasha kongera ubudakemwa bw'imanza kuko abacamanza bashingira ku mirongo isanzwe iriho mu nkiko mu gihe bafata ibyemezo mu bibazo baba bashyikirijwe n'ababuranyi. Ibi bifasha kandi abaturage kumenya ibyemezo byazafatwa ku bibazo bisa n'ibyabo. Ibi bituma nanone bamwe muri bo bareka kujyana ibirego byabo mu nkiko bashingiye ku byemezo babona ko biba byafashwe ku bibazo bisa n`ibyabo.

Nk`uko bisanzwe, ibyakozwe muri uyu mwaka byibanze ku gutoranya no gutangaza imanza mu buryo bw'ibitabo kimwe no kuzishyira ku murongo w'ikoranabuhanga wa [https://decisia.lexum.com/rlr/en/nav.do](https://decisia.lexum.com/rlr/en/nav.do)

Muri uyu mwaka imanza zatangajwe ni makumyabiri n'eshanu (25), zikubiye mu mitumba ine (4) ikurikira:

- **Umutumba wa IV [2020] 4 RLR**

Hakubiyemo imanza indwi (7):

- ✓ Imanza ebyiri (2) z'imbonezamubano
- ✓ Imanza ebyiri (2) z'ubucuruzi
- ✓ Urubanza rumwe (1) rw'umurimo
- ✓ Urubanza rumwe (1) rw'inshinjabyaha
- ✓ Urubanza rumwe (1) rwerekeranye n'ibirego bisaba kwemeza ko itegeko rinyuranye n'Itegeko Nshinga

- **Umutumba wa I[2021] 1RLR**

Harimo imanza zirindwi (7):

- ✓ Imanza ebyiri (2) z'imbonezamubano
- ✓ Imanza eshatu (3) z'ubucuruzi.
- ✓ Urubanza rumwe (1) rwerekeranye n'ibirego bisaba kwemeza ko itegeko rinyuranye n'Itegeko Nshinga
- ✓ Urubanza rumwe (1) rurebana n'ikirego gisaba kubungabunga cyangwa gukuraho imbogamizi zibangamiye inyungu rusange

- **Umutumba wa II [2021] 2 RLR**

Hatangajwemo imanza eshatu (3):

- ✓ Urubanza rumwe (1) rw'imbonezamubano,
- ✓ Urubanza rumwe (1) rw'inshinjabyaha
- ✓ Uubanza rumwe (1) rw'ubutegetsi

- **Umutumba wa III [2021] 3 RLR**

Hakubiyemoo imanza umunani (8):

- ✓ Imanza ennye (4) z'imbonezamubano
- ✓ Imanza ebyiri (2) z'ubucuruzi
- ✓ Urubanza rumwe (1) rwerekeranye n'ukwihana umucamaza
- ✓ Urubanza rumwe (1) rw'ubutegetsi

Muri iyi mizingo uko ari 4, hagaragaramo imirongo yatanzwe. Imwe muri yo ni iyi ikurikira:

**Umutumba wa 4 -2020**

**I. Urubanza RS/INCONST/SPEC 00002/2019/SC; Re. GLIHD**

**Ihame ryo kubahiriza umurongo wafashwe (stare decisis)** – Urukiko rw'Ikirenga nirwo soko nkuru y'imirongo inkiko zindi zigenderaho, kuko nirwo rukuriye izindi kandi rufite n'imiterere yihariye ituma rugira ububasha ku moko y'imanza zose inkiko zishyikirizwa kugira ngo rubashe kuzitangaho umurongo uyobora izindi nkiko mu micire y'imanza.

**Ihame ryo kubahiriza umurongo wafashwe (stare decisis)** – Mu rwego rwo kubahiriza amahame ashingiye ku kubahiriza umurongo wafashwe (stare decisis), buri Rukiko rugomba kubahiriza umurongo rwafashe ku kibazo runaka cyangwa umurongo wafashwe kuri icyo kibazo n'urukiko rurukuriye

**II. Urubanza RCOMAA 00012/2019/CA; NZITONDA v. COGEBANQUE Ltd N'ABANDI**

**Ikirego cyerekeye gutesha agaciro cyamunara** – Ikirego cyerekeye gutesha agaciro cyamunara kiburanishwa nk'ikirego cyihutirwa kidashamikiye ku kindi kuko aba ari ukurengera nyiri umutungo ndetse n'uwegukanye ingwate kugira ngo hatagira utezwa igihombo no gutinda kw'imanza mu nkiko.

Ikirego gisaba guhagarika cyangwa gutesha agaciro cyamunara gishobora kujuririrwa bwa kabiri iyo cyujuje ibisabwa kuko aba ari ikirego cyigenga

kidashamikiye ku kindi kirego cy'iremezo ariko kikajuririrwa mu gihe kitarenze iminsi itatu

**Umutumba wa 1- 2021**

**I. Urubanza RS/INCONST/SPEC 00004/2019/SC; Re. NZAFASHWANAYO**

**Umusoro ku nyongeragaciro** – Gutandukanya abasoreshwa bagura serivise zivuye mu mahanga zitaboneka mu Rwanda n'abagura serivise zivuye mu mahanga ariko ziboneka mu Rwanda ntibyafatwa nko kubavangura cyangwa kutabarengera kimwe imbere y'amategeko kuko bigamije gufungura isoko rya serivise kandi bikaba byarakozwe hari impamvu zifite ireme zo gushyiraho ingamba zigamije kugabanya icyuho mu bucuruzi n'imyishyuranire n'amahanga.

**II. Urubanza RS/PIL/SPEC 00001/2019/SC; ASSOCIATION DES ASSUREURS DU RWANDA (ASSAR) v. LETA Y'U RWANDA (MIFOTRA)**

**Ikirego kigamije kurengera inyungu rusange** – Ikirego kirebana n'inyungu rusange kigomba kuba kigamije ko hubahirizwa uburenganzira bw'abandi bantu aho kwita ku kibazo bwite cy'urega n'ubwo urega yaba afite inyungu ku kiregerwa, izo nyungu agomba kuba azisangiye n'abandi bantu.

**Uruhare rwa Leta mu birego birebana n'inyungu rusange –** Muri ibi birego Leta ihamagazwa mu rubanza gutanga ibitekerezo; ntihamagazwa nk'umuburanyi ushobora kugira ibyo aryozwa cyangwa aca urundi ruhande.

**Ibigize inyungu rusange** – Inyungu rusange iba iyo hari igikorwa cyabaye cyangwa kitabaye kikavutsa abantu benshi uburenganzira bwabo cyangwa se kikabagiraho ingaruka mbi, gikosorwa hatanzwe ikirego mu rukiko rubifitiye ububasha.

**Umutumba wa 2- 2021**

**I. Urubanza RCA 00161/2020/TGI/NYGE; Re. N.A N'UNDI**

**Kororoka hifashishijwe ikoranabuhanga (*Assisted Reproductive Technology*) –** Kororoka hakoreshejwe uburyo bw'ikorabuhanga bivugwa mu ngingo ya 254 y'Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango bushobora gukorwa bitewe n'aho ikoranabuhanga rigeze.

Uburyo bwo gutwitira undi atewe igi ryahurijwemo intanga z'undi mugore n'undi mugabo (*Gestational surrogacy*) ni bumwe mu buryo bwemewe n'itegeko rigenga abantu n'umuryango.

Umwana uvutse hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga bwo gufasha umugore kororoka nyuma yo gutwitirwa n'undi mugore, agira uburenganzira bwo kwandikwa mu irangamimerere ku mazina y'ababyeyi batanze intanga, ariko akagira n'uburenganzira bwo konswa n'uwamutwite igihe bishoboka.

### II. Urubanza RP/GEN 00003/2019/CA; UBUSHINJACYAHA v. MUGESERA

**Ibyaha mpuzamahanga** – Ibyaha mpuzamahanga ntibigombera kuba biri mu mategeko y'ibihugu kugira ngo bikurikiranwe kandi bihanwe kuko biba bisanzwe bibujijwe n'umuco mpuzamahanga, bityo amategeko ateganya ibyaha byibasiye inyokomuntu ntakwiye gufatwa nk'ayashyizeho ibyaha bishya ahubwo yemeza ibyari bisanzwe biri mu muco mpuzamahanga.

**Ibyaha byibasiye inyoko muntu** – Ibyaha by'ubugome n'ubunyamaswa ndengakamere – Ubugome n'ubunyamaswa ndengakamere cyangwa kuba ibyo byaha byarakorewe abantu benshi nizo mpamvu zituma bifatwa nk'ibyaha byakorewe umuryango mpuzamahanga cyangwa byahonyanze indangagaciro za kimuntu.

**Ikimenyetso cy'ubuhamya** – Ubuhamya butanzwe nyuma y'igihe kinini bureberwa mu ireme ryabwo kabone n'iyo ababutanga baba bakoresha amagambo yabo bwite mu gusobanura ibyo biyumviye cyangwa ibyo babwiwe.

## Umutumba wa 3- 2021

### I. Urubanza RS/ INJUST/ RC 00007/2018/ SC; NDITIRIBAMBE v GATERA N'UNDI

**Imiburanishirije y'imanza zasabiwe gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane** – Ibyemejwe mu rundi rubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma, ntibishobora kuvuguruzwa binyuze mu nzira yo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rutari mu ruhererekane rumwe narwo hashingiwe gusa ku kuba zifitanye isano.

Ibirego bishya bitari mu murongo w'ibyaburanywe urubanza rugishingwa mu rwego rwa mbere cyangwa ingingo zitasuzumwe mu rubanza rusubirishwamo ntibyakirwa mu rubanza rwasabiwe gusuburwamo ku mpamvu y'akarengane.

### II. Urubanza RS/RECUS/RP 00002/2019/SC; Re. GABIRO

**Ibyemezo by'ubuyobozi bifatwa ku rubanza rusabirwa gusubirishamo kubera impamvu z'akarengane mbere y'iyandikwa ry'ikirego** – Ibyemezo

bifatwa mu rwego rwo gusubirishamo urubanza mbere y'iyandikwa ry'ikirego bifatwa nk'irengayobora ku nama zivugwa mu gace ka gatanu k'ingingo ya 103 y'Itegeko N° 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.

Kuba Umucamanza yigeze kuba mu rwego ry'ubuyobozi cyangwa akaba afite inshingano z'ugufata ibyemezo by'ubuyobozi ku busabe bwo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane mbere y'uko icyo kibazo cy'akarengane gishikirizwa Urukiko kikandikwa nk'ikirego ntibimubuza kugira uruhare mu ica ry'imanza zisubirishwamo ku mpamvu z'akarengane.

### II.2.2 Imanza zahinduwe mu bujurire

Ku manza 12,866 zaburanishijwe mu bujurire, 889 zinganas na 7% nizo zahinduriwe ibyemezo mu gihe umwaka ushize zari kuri 5%.

Imanza zaburanishijwe mu bujurire n'izahinduwe kuri buri rwego rw'inkiko ziri mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe 28: Imanza zahinduwe mu bujurire**

| Urukiko | Izaciwe mu bujurire | Izahinduwe mu bujurire | Ijanisha |
|---|---|---|---|
| Zose | 12,866 | 889 | 7% |
| Urukiko rw`Ikirenga | 1 | | |
| Urukiko rw`Ubujurire | 294 | 49 | 17% |
| Urukiko Rukuru rw`Ubucuruzi | 1,081 | 44 | 4% |
| Urukiko Rukuru | 3,781 | 584 | 15% |
| Inkiko Zisumbuye | 7,709 | 212 | 3% |

Ugereranije n`umwaka ushize, impinduka zabayemo zigaragarira mu mbonerahamwe ikurikira


37

**Imbonerahamwe 29: Igereranya ry`imanza zihindurwa mu bujurire muri iyi myaka 2**

| Urukiko | Izaciwe mu bujurire | | Impinduka | Izahinduwe mu bujurire | | Impinduka |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | 2019/2020 | 2020/2021 | | 2019/2020 | 2020/2021 | |
| Zose | 15,163 | 12,866 | -15% | 817 | 889 | 9% |
| Urukiko rw`Ikirenga | 35 | 1 | -97% | 7 | | -100% |
| Urukiko rw`Ubujurire | 486 | 294 | -40% | 75 | 49 | -35% |
| Urukiko Rukuru rw`Ubucuruzi | 693 | 1,081 | 56% | 24 | 44 | 83% |
| Urukiko Rukuru | 4,409 | 3,781 | -14% | 501 | 584 | 17% |
| Inkiko Zisumbuye | 9,347 | 7,709 | -18% | 209 | 212 | 1% |

Ugereranije n`umwaka ushize, muri rusange imanza zaburanishijwe mu bujurire zagabanutseho 15% mu gihe izahinduriwe ibyemezo zazamutseho 9%.

**II.2.3 Imanza zasubirishijwemo ku mpamvu z'akarengane**

Mu ngamba zo gushimangira ubudakemwa bw`imanza zicibwa, itegeko ryahaye abaturage inzira yo gusubirashamo imanza zarangije inzira zisanzwe z`ubujurire mu gihe hakekwa akarengane muri izo manza hagendewe ku ngingo zagenwe n`itegeko. Izi manza zigezwa kuri Perezida w`Urukiko rukuriye urwaciye urubanza ku rwego rwa nyuma, akazisuzuma izo asanze zishobora kuba zarabeyemo akarengane akazohereza Perezida w`Urukiko rw`Ikirenga, akagena urukiko rusazubiramo urubanza. Izo Perezida w'Urukiko washyikirijwe ikibazo asanze nta karengane karimo azisubiza inyuma, ariko umuburanyi akaba afite uburenganzira bwo kwiyambaza Urwego rw'Umuvunyi narwo rugasuzuma niba koko zishobora kuba zirimo akarengane, rwasanga karimo, Umuvunyi Mukuru agasaba Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga gusuzuma niba zikwiriye kongera kuburanishwa.

Mu bika bikurikira, harasesengurwa izi manza, hakurikijwe inzira zicamo, harebwe uko zasuzumwe, mu gusoza, harasesengurwa ikigero cy`akarengane kabonetse mu manza zafatiwe icyemezo cya nyuma.

**Imbonerahamwe 30:Imbonerahamwe y'imanza zasabiwe gusubirwamo n'Urwego rw'Umuvunyi**

| Ibisobanuro | Igiteranyo kuva 20/12/2012 kugera 30/06/2019 | Kuva 01/07/2019 kugera 30/06/2020 | Kuva 01/07/2020 kugera 30/06/2021 | Zose hamwe kuva 20/12/2012 kugeza 30/06/2021 |
|---|---|---|---|---|
| Izakiriwe zivuye ku Rwego rw'Umuvunyi | 451 | 62 | 28 | 541 |
| Izo Ubugenzuzi bw'inkiko bwarangije gusuzuma | 295 | 50 | 98 | 443 |
| Izo Perezida w'urukiko rw'Ikirenga yasanze zigomba gusubirwamo ku mpamvu z' akarengane | 216 | 36 | 73 | 325 |
| Izo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yasanze nta karengane karimo | 78 | 14 | 25 | 117 |
| Imanza zabayemo ubwumvikane ku rwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko | 1 | 0 | | 1 |

Imanza z'akarengane zoherejwe n'Urwego rw'Umuvunyi kuva muri 2012 kugera Kamena 2020 ni imanza 541. Izo Ubugenzuzi bw'Inkiko bwamaze gusesengura ni 450, muri zo imanza 325 zingana na 72% Perezida w 'Urukiko rw'Ikirenga yasanze zigomba gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane naho 117 zingana na 26% asanga nta karengane karimo.

**Imbonerahamwe 31: Imanza zohererejwe ba Perezida b`inkiko zisabirwa gusubirwamo**

| Icyakozwe ku manza z`akarengane | Urukiko rw'Ikirenga | Urukiko rw'Ubujurire | Urukiko Rukuru | Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | Inkiko Zisumbuye | Zose hamwe |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Izo urukiko rwakiriye ababuranyi basaba ko zisubirwamo (A) | 68 | 714 | 703 | 2 | 536 | 2,023 |
| Izo Perezida yasanze nta karengane karimo (B) | 80 | 207 | 255 | 0 | 311 | 853 |
| Izo Perezida w'urukiko yohereje Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga (C ) | - | 23 | 32 | 1 | 38 | 94 |
| Imanza z'Urukiko rw'Ubujurire Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko zisubirwamo (D) | 26 | - | - | - | - | 26 |
| Izasuzumwe zose = B+C+D | 106 | 230 | 287 | 1 | 349 | 973 |
| **Zose hamwe = A+B+C+D** | **174** | **944** | **990** | **3** | **885** | **2,996** |

Muri uyu mwaka, imanza zasabiwe gusubirwamo ku mpamvu z`akarengane zakiriwe mu nkiko zitandukanye zigera ku 2,033. Imanza zose zasuzumwe muri uyu mwaka ni 973, muri zo izigera kuri 853 zingana na 87.7% ba Perezida b`inkiko basanze nta karengane karimo, naho 120 zingana na 12.3% bazohereza kwa Perezida w`Urukiko rw`Ikirenga kugira ngo hagenwe urukiko rwongera kuziburanisha.

Ugereranije n`umwaka ushize, usanga harabaye impinduka zikurikira nk`uko ziri mu mbonerahamwe ikurikira :

**Imbonerahamwe 32: Igereranya ku isesengurwa rikorwa ku manza zohererezwa abaperezida**

| Icyakozwe ku manza z`akarengane | 2019/2020 | 2020/2021 | Impinduka |
|---|---|---|---|
| Izo urukiko rwakiriye ababuranyi basaba ko zisubirwamo (A) | 2,390 | 2,023 | -0.15 |
| Izo Perezida yasanze nta karengane karimo (B) | 836 | 853 | 0.02 |
| Izo Perezida w'urukiko yohereje Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga (C) | 166 | 94 | -0.43 |
| Imanza z'Urukiko rw'Ubujurire Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko zisubirwamo (D) | 21 | 26 | 0.24 |
| Izasuzumwe zose (B+C+D) | 1,023 | 973 | -0.05 |
| **Zose hamwe (A+B+C+D)** | **3,247** | **2,996** | **-0.08** |

Ugereranije n`umwaka ushize, ibirego bisabirwa gusubirwamo ku mpamvu z`akarengane byagabanutseho 15% ; imanza zasuzumwe mu mwaka zigabanukaho 5%, naho izo abaperezida basanze nta karengane karimo zo ziyongereyeho 2% mu gihe izohererejwe Perezida w`Urukiko rw`Ikirenga zo zagabanutseho 19% (C+D).

Imanza z'akarengane zaciwe n'izahinduriwe ibyemezo

**Imbonerahamwe 33:Imanza z'akarengane zaciwe n'izahinduriwe ibyemezo**

| Urukiko | Izaciwe | Izahinduriwe ibyemezo | Ijanisha |
|---|---|---|---|
| Zose hamwe | 127 | 33 | 26% |
| Urukiko rw`Ikirenga | 22 | 3 | 14% |
| Urukiko rw`Ubujurire | 24 | 7 | 29% |
| Urukiko Rukuru | 45 | 18 | 40% |
| Inkiko zisumbuye | 36 | 5 | 14% |

Mu manza zasabiwe gusubirwamo ku mpamvu z`akarengane, haburanishwe izigera kuri 127, muri zo 33 zingana na 26% zahinduriwe ibyemezo mu gihe umwaka ushize zari 68,6%. Imbonerahamwe ikurikira irerekana impinduka zabaye mu manza za sabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z`akarenga ugereranije iyi myaka ibiri.

**Imbonerahamwe 34: Igereranya ku myaka 2 mu manza z`akarengane zaciwe**

| Urukiko | Izaciwe | | Impinduka | Izahinduriwe ibyemezo | | Impinduka |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | 2019/2020 | 2020/2021 | | 2019/2020 | 2020/2021 | |
| Zose hamwe | 86 | 127 | 48% | 59 | 33 | -44% |
| Urukiko rw`Ikirenga | 32 | 22 | -31% | 18 | 3 | -83% |
| Urukiko rw`Ubujurire | 9 | 24 | 167% | 7 | 7 | 0% |
| Urukiko Rukuru | 43 | 45 | 5% | 34 | 18 | -47% |
| Inkiko zisumbuye | 2 | 36 | 1700% | 0 | 5 | 0% |

Nk`uko iyi mbonerahamwe ibigaragaza, imanza zaburanishijwe ziyongereyeho 48% mu gihe izahinduwe zagabanutseho 44%.

Urebye muri rusange imanza zoherejwe mu nkiko (izoherejwe n`ababuranyi n`izoherejwe n`Umuvunyi) ukareba izamaze gufatwaho umwanzuro wa nyuma, ni ukuvuga izo abaperezida b`inkiko basanze nta karengane karimo

ukongeraho izaburanishijwe, usanga akarengane kari kuri 3% nk`uko imbonerahamwe ikurikira ibigaraza.

| Icyazikozweho | Umubare |
|---|---|
| Izavuye ku muvunyi, Perezida yasanze nta karengane karimo | 25 |
| Izo ba Perezida basanze nta karengane karimo | 853 |
| Izaciwe | 127 |
| Zose hamwe | 1005 |
| Izo Inkiko zahinduriye ibyemezo (zabonetsemo akarengane) | 33 |
| Ubwiganze bw`imanza zirimo akarengane | 3% |

## III. KWITA KU MIYOBORERE MYIZA MU NKIKO

Imiyoborere myiza ni inkingi ikomeye ituma Urwego rw'Ubucamanza rubasha kugera ku ntego rwihaye. Niyo mpamvu ibikorwa by'ingenzi mu miyoborere y'inkiko byakomeje kwimakazwa muri uyu mwaka nk'uko bigaragara muri uyu mutwe.

### III.1 Kurwanya ruswa mu nkiko no kwita ku myitwarire ikwiye y'abakozi b'inkiko.

#### III.1.1 Kurwanya ruswa

Mu rwego rwo kurwanya ruswa mu nkiko, hifashishwa ingamba zitandukanye harimo icyumweru ngaruka mwaka cyahariwe kurwanya ruswa mu nkiko, gitegurwa mu cyumweru cya kabiri cya Gashyantare.

Cyakora mu rwego rwo kubahiriza ingamba zo kurwanya no gukumira icyorezo cya COVID-19, muri uyu mwaka amatariki yahariwe icyumweru cyo kurwanya ruswa yimuriwe mu kwezi kwa Werurwe, kandi ibikorwa byose byakozwe hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga.

Iki cyumweru cyari gifite insanganyamatsiko igira iti: "**Wiba ntibindeba: Amagana ruswa ushize amanga**".

Intego nyamukuru muri gahunda zibanzweho muri uyu mwaka yari:

- ✓ Gukangurira abagana inkiko kwirinda gutanga ruswa, kuyamagana no kugaragaza abashaka kubashora mu bikorwa byayo bigayitse bibangamira imitangire myiza ya serivise, bikadindiza iterambere ry'Igihugu kandi bikangiza isura yacyo.

- ✓ Muri icyo cyumweru kandi abakozi b'inkiko nabo bakanguriwe kurwanya ruswa, kuyamagana, kwigisha ububi bwayo no kugaragaza abashaka kwishora cyangwa kubashora mu bikorwa bya ruswa.

Ibi bikorwa byakozwe muri iki cyumweru byatanze umusaruro ufatika harimo:

- ✓ Amakuru yatanzwe n`abaturage ku bakozi b'inkiko bishora mu byaha bya ruswa cyangwa bagaragaraho indi myitwarire iganisha kuri ruswa, kandi abo ayo makosa yahamye bakabihanirwa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.
- ✓ Kwihutisha iburanisha ry'imanza zerekeye ibyaha bya ruswa kuko n'ubwo zisanzwe zihabwa umwihariko muri rusange, mu cyumweru cyahariwe kurwanya ruswa byitabwaho ku buryo bw'umwihariko.
- ✓ Umubare w'abishora mu bikorwa by'ubukomisiyoneri baka abaturage ruswa bababeshya ko bazabagerera ku bacamanza waragabanutse mu buryo bugaragara kuko abaturage bakanguriwe kutizera bene abo bantu, kandi ababitinyutse bakamenyeshwa inzego zibishinzwe bagakurikiranwa.

Uretse icyumweru cyo kurwanya ruswa, urwego rw`Ubucamanza rukoresha izindi ngamba zitandukanye mu kurwanya ruswa. Muri zo twavuga:

- ✓ Ubufatanye buhoraho n'inzego z'Igihugu zifite mu nshingano zazo kurwanya ruswa cyane cyane Urwego rw'Umuvunyi na Polisi y'Igihugu;
- ✓ Kuba hariho Umugenzuzi w'Inkiko ushinzwe kurwanya ruswa by'umwihariko;
- ✓ Gutanga ibiganiro ku maradiyo atandukanye, abaturage bagashishikarizwa gutanga amakuru ku bakozi b'inkiko bishora mu bikorwa bya ruswa;
- ✓ Gushishikariza abacamanza n'abanditsi b'inkiko kugaragaza abashaka kubaha ruswa bagakurikiranwa;
- ✓ Kuvugurura amategeko no gushyiraho amabwiriza atandukanye hagamijwe gukumira imikorere ishobora guha icyuho ruswa: nko kurwanya imanza z'ibirarane mu nkiko, kwirinda gusubika iburanisha ry'imanza n'isomwa ryazo bitari ngombwa, n'ibindi;
- ✓ Inama zihuza abakozi b'urukiko buri kwezi bagasuzuma ibyagezweho bakanaganira ku manza zaciwe hagamijwe gukemura mu buryo bumwe ibibazo bisa no kunoza ubudakemwa bw'imanza muri rusange;
- ✓ Ishyirwaho ry'Uburyo bw'Ikoranabuhanga Bukomatanyije mu Micungire y'Imanza (*IECMS: Integrated Electronic Case Management System*) butuma

abagana inkiko bahabwa serivise bitabaye ngombwa ko bahura imbonankubone n'umukozi w'urukiko;

- ✓ Ishyirwaho ry'urubuga rwa "*Sobanuzainkiko.org*" mu rwego rwo gutanga amakuru kuri ruswa, gusobanuza no kugagaraza akarengane kaba karabayeho mu manza;
- ✓ Ishyirwaho ry'umurongo wa telefoni utishyurwa (3670) ababyifuza bifashisha mu gutanga amakuru, ibyifuzo no gusobanuza.
- ✓ Ishyirwaho rya Komite zishinzwe kurwanya ruswa mu nkiko zigizwe n'abakozi b'inkiko ubwabo (*Anti-corruption Committees*).
- ✓ Kugenzura imicire y'imanza bikorwa n'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko kugira ngo harebwe izifite inenge n'icyaba kibiri inyuma (ubushobozi buke cyangwa ruswa).

### III.1.2 Kwita ku myitwarire izira amakemwa y'abacamanza n'abakozi b'inkiko

Imyitwarire y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ni ishingiro ryo gutanga ubutabera bunoze. Mu rwego rwo gukurikirana uko iri hame rishyirwa mu bikorwa, Urwego rw'Ubucamanza, binyuze mu Nama Nkuru y`Ubucamanza, rukurikirana abatatiye iri hame bagafatirwa ibyemezo biteganywa n'amategeko.

Muri uyu mwaka, abakozi b'inkiko bitabye Inama Nkuru y'Ubucamanza ni 4 harimo umucamanza umwe n`abanditsi 3 mu gihe umwaka ushize bari 11 barimo abacamanza 8 n'abanditsi b'inkiko 3, nk' uko bigaragara hepfo :

**Imbonerahamwe 35: Ibyemezo Inama Nkuru y`Ubucamanza yafashe ku myitwarire y`abacamanza n`abanditsi**

| Igihano cyatwanzwe | Urukiko | Umucamanza | | Umuyobozi w'Urukiko | | Umwanditsi | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | 2019/2020 | 2020/2021 | 2019/2020 | 2020/2021 | 2019/2020 | 2020/2021 |
| Kwirukanwa burundu | Inkiko Zisumbuye | 3 | 0 | 0 | 0 | 1 | 0 |
| | Inkiko z'Ibanze | 2 | 1 | 0 | 0 | 2 | 1 |
| Kugawa | Urukiko | 1 | 0 | 0 | | | |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Rukuru | | | | | | |
| Kwamburwa ishingano y'ubuyobozi | Urukiko Rwisumbuye | | | 1 | | | |
| Gutinzwa kuzamurwa mu ntera. | Urukiko Rwisumbuye | 1 | | | | | |
| Guhagarikwa by' agateganyo mu gihe cy' amezi 3 adahembwa | Inkiko z`Ibanze | | | | | | 1 |
| Kwihanangirizwa | Urukiko rw`Ubujurire | | | | | | 1 |
| | **Igiteranyo** | **7** | **1** | **1** | **0** | **3** | **3** |

### III.2 Gutsura umubano n`Inzego z`Ubucamanza mu bindi bihugu

Muri uyu mwaka, Urwego rw`ubucamanza rwakoze ibikorwa bigamije ubufatanye n`Inzego z`ubucamanza mu bindi bihugu. Muri byo twavuga:

- ✓ Gutegura inama yahuje ba Perezida b`Inkiko z`Ikirenga mu bihugu bigize Umuryango wa Afurika y`I Burasirazuma yabereye i Kigali ku va taliki ya 10 kugeza taliki ya 12/05/2021.

- ✓ Urukiko rw'Ikirenga rw`u Rwanda rwitabiriye inama ya gatanu yo ku rwego rwo hejuru yahuje abakuriye Urwego rw`Ubucamanza, ba Perezida b`Inkiko zo muri Afurika zishinzwe iyubahirizwa ry'Itegeko Nshinga, Inkiko z`Ikirenga n`Inama z`Ubucamanza, yabereye i Kayiro mu Misiri kuva taliki ya 11 kugeza taliki ya 15/06/2021 (*Fifth Cairo High Level Meeting of the Chief Justices and Presidents of the African Constitutional Courts, Supreme Courts and Constitutional Councils*).


45

- ✓ Hasinywe amasezerano y`Ubufatanye hagati y'Urukiko rw`Ikirenga rw`U Rwanda n`Urukiko rw'Ikirenga rwa Singapore, agamije gusangira ubunararibonye mu bice bitandukanye byerekeye itangwa ry`ubutabera.
- ✓ Mu rwego rw`Afurika y`Iburasirazuba kandi Umucamanza w`Urukiko rw`Ikirenga yagenwe nk`uzakora mu Rukiko rwa Afurika y`i Burasirazuba.

### III.3 Kubaka ubushobozi bw'abakozi

Mu rwego rwo kuzamura ubumenyi n`ubunyamwuga bw'abakozi, buri mwaka Urwego rw`Ubucamanza rutegura amahugurwa anyuranye. By`umwihariko muri uyu mwaka hakozwe amahugurwa menshi agenewe abacamanza, abanditsi b'inkiko n'abandi bakozi bafasha mu mirimo inyuranye y'Urwego rw'Ubucamanza nk`uko agaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza amahugurwa yakozwe n'imibare y'abayahawe.

**Imbonerahamwe 36:Amahugurwa y'abacamanza n'abanditsi**

| Amahugurwa | Abacamanza | | Abanditsi | | Abandi | | Bose |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Gabo | Gore | Gabo | Gore | Gabo | Gore | |
| Amahugurwa ku Itegeko no 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange | 138 | 115 | 109 | 145 | 20 | 17 | **544** |
| Amahugurwa ku Itegeko no 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi | 134 | 112 | 112 | 152 | 19 | 15 | **544** |
| Amahugurwa ku Itegeko no 30/2018 ryo kuwa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko | 134 | 112 | 112 | 152 | 19 | 15 | **544** |
| Amahugurwa ku bazahugura abandi ku Itegeko no 027/2019 ryo ku wa 10/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'ishinjabyaha | 24 | 8 | 0 | 0 | 0 | 0 | **32** |
| Amahugurwa ku Itegeko no 027/2019 ryo ku wa 10/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'ishinjabyaha | 132 | 109 | 111 | 146 | 12 | 7 | **517** |
| Amahugurwa ku bakozi bakoresha ikoranabuhanga rya SOBANUZINKIKO | 0 | 0 | 0 | 0 | 5 | 1 | **6** |
| Amahugurwa ku buhuza yatanzwe n`Ikigo Edwards Mediation Academy | 2 | 5 | 2 | 3 | 2 | 1 | **15** |

Abahuguwe bose muri uyu mwaka ni 2256 mu gihe umwaka ushize bari 466 ni ukuvuga ko bikubye incuro hafi 4.8. Byabaye ngombwa gukora amahugurwa

menshi uyu mwaka kuko hari ibirarane by`atari yarakozwe umwaka ushize kubera icyorezo cya COVID-19.

### II.4 Gutegura ibiganiro n`abafatanya bikorwa mu gushaka ibisubizo ku bibazo bigaragara mu manza

Mu rwego rwo gushaka umuti urambye ku bibazo bikunda kugaragara mu manza hagamijwe gutanga ubutabera bubereye abanyarwanda, kuva mu myaka 3 ishize, Urwego rw`Ubucamanza rutegura Icyumweru cy`Ubucamanza

aho urunana rw`inzego z`ubutabera n`izindi nararibonye bahurira hamwe bagasesengura ibibazo bikomoka mu manza, bashaka imizi yabyo n`ingamba zo kubikemura mu ntumbero yo gutanga ubutabera bugera ku nyota y`abanyarwanda.

Muri uyu mwaka, iki cyumweru cyabaye ku nshuro ya 3, guhera ku wa 23 kugeza ku wa 27 Ugushyingo 2020, cyibanda ku nsanganyamatsiko igira iti:

**«Ubuhuza nk'inkingi y'ubutabera bwubaka umuryango nyarwanda»,**

Intego y'icyo cyumweru yari ugusuzumira hamwe uburyo ubuhuza bwaba inzira ihamye kandi irambye yo gukemura amakimbirane abyara imanza mu muryango nyarwanda.

Muri icyo cyumweru, ibiganiro byibanze cyane ku ngingo zikurikira:

- ✓ Igisobanuro cy'ubuhuza, inkomoko yabwo mu mateka n'umuco by'u Rwanda, umusanzu bwatanze mu kubaka igihugu.
- ✓ Politiki y'ubuhuza n'akamaro kayo mu gukemura ibibazo n'amakimbirane by'iki gihe.
- ✓ Ubuhuza n'izindi nzira zafasha mu kwihutisha imanza nshinjabyaha.
- ✓ Uruhare bw'ubuhuza mu gukemura imanza n'ibirego nshinjabyaha n'imbogamizi abashinzwe gufasha mu itangwa ry'ubutabera bahura nazo mu gukoresha inzira y'ubuhuza.
- ✓ Ingeri zitandukanye z'ubuhuza zishobora kwiyambazwa mu manza nshinjabyaha mu rwego rwo kugabanya imanza ndetse n'ibirego nshinjabyaha

✓ Ubuhuza mu bibazo mbonezamubano; uburyo bwo gukemura imanza zishingiye ku bibazo byugarije umuryango nyarwanda (abashakanye n'abana), ndetse n'ibishingiye ku mutungo w'umuryango n'umutungo utimukanwa muri rusange, binyuze mu nzira y'ubuhuza.

Nyuma y`ibiganiro hafashwe imyanzuro 14 ikurikira:

1. Kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yo mu mwaka wa 2018 na 2019 itararangira gushyirwa mu bikorwa;
2. Gukangurira abaturage n'abakozi bo mu nzego z'ubutabera kwitabira ubuhuza mbere yo kuregera inkiko no gutoza abana bakiri bato kugira imyumvire n'indangagaciro zo gukemura amakimbirane hashingiwe ku buhuza, bigakorerwa mu mashuli abanza n'ayisumbuye, mu nsengero n'ahandi bahurira;
3. Kubakira ubushobozi abahuza batari ab'umwuga, basanzwe bafasha abaturage, mu nzego zitandukanye, gukemura ibibazo binyuze mu bwumvikane, kugira ngo birusheho gukorwa neza;
4. Kuvugurura amategeko kugirango kunyura mu nzira y'ubuhuza mbere yo kuregera inkiko bigirwe ihame mu bibazo byose by' umuryango, imbonezamubano n'iby'ubucuruzi;
5. Gutegura imfashanyigisho (agatabo k'umuhuza) ikubiyemo amahame n'imirongo ngenderwaho mu buhuza ku bibazo by'umuryango hashingiwe ku nyigo y'umuco nyarwanda, ubwunzi, gacaca, ibikorerwa ahandi (*best practices*) n'ibindi;
6. Kwiga uburyo inama y'umuryango iteganyijwe mu itegeko rigenga abantu n'umuryango yakwifashishwa nk'urwego rw'ubuhuza mu gukemura amakimbirane mu miryango;
7. Kongera mu nteganyanyigisho (curriculum) za kaminuza zigisha amategeko, isomo ry'amateka y'umuco nyarwanda mu gukemura amakimbirane;
8. Gukangurira abahesha b'inkiko kugerageza kurangiza imanza binyuze mu buhuza aho bishoboka, mu rwego rwo kwirinda amakimbirane avuka mu irangiza ry'imanza;
9. Gushyiraho urwego rwihariye rushinzwe ibijyanye n'ubuhuza mu Rwanda (*Rwanda Mediation Institute*), rukanakurikirana ibijyanye no kubaka ubushobozi n'imyitwarire y'abahuza b'umwuga;

10. Gushyiraho amabwiriza asobanura neza imikoreshereze y'inzira z'ubuhuza (*mediation*) n'ubwumvikane (*plea bargaining*) ziteganyijwe mu manza nshinjabyaha, akanagaragaza urutonde rw'ibyaha bishobora gukorerwamo ubuhuza;

11. Gushyiraho ishami rishinzwe ubuhuza n'ubwumvikane mu Bushinjacyaha Bukuru n' ubwa gisirikare kandi rigahabwa ubushobozi buhagije;

12. Kongera imbaraga mu bukangurambaga bugamije gukumira no gukemura amakimbirane mu miryango hagamijwe gukumira ibyaha;

13. Gutegura mu gihe gihagije abagiye gushinga ingo no kubakurikirana nyuma yo gushaka, hifashishijwe imbuga zisanzweho (imigoroba y'ababyeyi, inteko z'abaturage, inama z'imiryango, amadini, …) bakigishwa uburenganzira n'inshingano z'abashyingiranywe n'uburyo bwo gukumira no gukemura amakimbirane mu miryango;

14. Kongera mu mihigo y'inzego za Leta, umuhigo wo gukemura amakimbirane binyuze mu buhuza n'ubwumvikane mu rwego rwo gukumira amakimbirane abyara ibirego biregerwa inkiko.

### II.5 Kwita ku ihame ry`uburinganire mu bakozi b`inkiko

Kwita ku ihame ry`uburinganire mu mikorere y`inkiko byakomeje gushimangirwa nk`uko imibare ibigaragaza mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe 37:Ihame ry'Uburinganire mu nzego zigize Urwego rw'Ubucamanza**

Abacamanza n`abanditsi

| | Abacamanza | | | Abanditsi | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | **Gore** | **Gabo** | **Bose** | **Gore** | **Gabo** | **Bose** |
| Urukiko rw`Ikirenga | 3 | | 7 | 3 | 4 | 7 |
| % | 43 | 57 | 100 | 43 | 57 | 100 |
| Urukiko rw`Ubujurire | 6 | | 13 | 9 | 4 | 13 |
| % | 46 | 54 | 100 | 69 | 31 | 100 |
| Urukiko Rukuru | 11 | 21 | 32 | 15 | 17 | 32 |
| % | 34 | | | 47 | 53 | 100 |


49

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | 66 | 100 | | | |
| Urukiko Rukuru rw`Ubucuruzi | 2 | | 6 | 5 | 2 | 7 |
| % | 33 | 67 | 100 | 71 | 29 | 100 |
| Inkiko zisumbuye | 38 | 60 | 98 | 62 | 32 | 94 |
| % | 39 | 61 | 100 | 66 | 34 | 100 |
| Urukiko rw`Ubucuruzi | 3 | 12 | 15 | 9 | 3 | 12 |
| % | 20 | 80 | 100 | 75 | 25 | 100 |
| Inkiko z`Ibanze | 75 | 63 | 138 | 75 | 68 | 143 |
| % | 54 | 6 | 10 0 | 52 | 48 | 100 |
| **Bose** | **138** | **171** | **309** | **178** | **130** | **308** |
| **%** | **45** | **55** | **100** | **58** | **42** | **100** |

### Mu buyobozi bw`inkiko

| Urukiko | Perezida | | | Visi Perezida | | | Abanditsi bakuru | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Gore | Gabo | Bose | Gore | Gabo | Bose | Gore | Gabo | Bose |
| Urw`Ikirenga | 0 | 1 | 1 | 1 | 0 | 1 | 0 | 1 | 1 |
| Urw`Ubujurire | 0 | 1 | 1 | 1 | 0 | 1 | 1 | 0 | 1 |
| Urukiko Rukuru | 0 | 1 | 1 | 1 | 0 | 1 | 1 | 0 | 1 |
| Urukiko Rukuru rw`Ubucuruzi | 1 | 0 | 1 | 0 | 1 | 1 | 1 | 0 | 1 |
| Inkiko zisumbuye | 4 | 8 | 12 | 3 | 9 | 12 | 6 | 6 | 12 |
| Urukiko rw`Ubucuruzi | 0 | 1 | 1 | 0 | 1 | 1 | 1 | 0 | 1 |
| Inkiko z`Ibanze | 12 | 27 | 39 | 0 | 0 | 0 | 21 | 17 | 38 |
| **Zose** | **17** | **39** | **56** | **6** | **11** | **17** | **31** | **24** | **55** |
| **%** | **30** | **70** | **100** | **35** | **65** | **100** | **56** | **44** | **100** |

Mu ba perezida b`inkiko 30% ni abagore naho mu bayobozi bungirije ni 35% mu gihe mu banditsi bakuru abagore bangana na 56%.

### III.6. Kumenyesha abaturage imikorere y'inkiko

Mu rwego rwo kumenyesha abaturage imikorere y`inkiko, Urwego rw`Ubucamanza rufatanya n`itangazamakuru kugira ngo rumenye ibyo rubanda bifuza kuri rwo ndetse narwo rubamenyeshe ibyo rukora.

Muri uyu mwaka, kuri Radiyo na Televiziyo hatambukijwe ibiganiro 26 byibanze ku ngingo zikurikira: ifunga n'ifungurwa ry'agateganyo; gufata amajwi


50

n'amashusho mu iburanisha; gusubukura imirimo y'inkiko nyuma ya guma mu rugo; ibirego bito; ibiyobyabwenge; ibyaha bimunga ubukungu; ibyegeranyo by'imanza; Icyubahiro n'umutekano mu nkiko; imikoreshereze y'ikoranabuhanga mu nkiko; imanza mbonezamubano; mikorere ya sobanuzainkiko; imikorere y'inkiko muri guma mu rugo; imyitwarire y'ababuranyi mu rubanza; itegeko rishya rigenga ubutaka; izungura ku isonga mu manza z'ubutaka; ubuhuza mu manza mbonezamubano; ububi bwo guha no kugurisha abana inzoga n'itabi; ubuhuza mu manza zaregewe inkiko; uburenganzira bw'umwana; ubutane ku bashakanye; ubuhuza mu manza nshinjabyaha; urugereko rwihariye rw'urukiko rukuru ruburanisha ibyaha mpuzamahanga n'ibyaha byambuka imbibe.

### III.7 Ibikorwa byari biteganijwe mu iteganyamigambi n`uburyo ryashyizwe mu bikorwa

#### III.7.1 Ibikorwa uko byari biteganyijwe n'uko byabonye Ingengo y'Imari

Buri mwaka w'Ingengo y'Imari, Urwego rw'Ubucamanza rutegura gahunda y'ibikorwa (*Action Plan*) inagaragaza muri rusange ingengo y'imari izakenerwa. Ibi bikorwa bishingiye ku ngamba zigize icyerekezo rwihaye cyo gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse.

Ibikorwa byari biteganijwe mu mwaka wa 2020/2021 byari bikeneye ingengo y`imari igera kuri miliyari makumyabiri n'eshatu na miliyoni magana atatu n'eshanu n'ibihumbi magana ane na mirongo itanu na bine n'amafaranga magana atatu na mirongo itandatu n'atatu (23, 305, 454, 363 RwF); habonetse miliyari cumi n'enye na miliyoni magana inani na mirongo irindwi n'imwe n'ibihumbi magana cyenda mirongo itatu na kimwe n'amafaranga magana cyenda mirongo inani n'icyenda (14, 871, 931, 989RwF) ingana na 63.8% by`ayari akenewe. Hari hateganyijwe ko ibikorwa birebana no kunganira inkiko (*administrative and support services*) byagombaga kungana na 66.2% mu ngengo y'imari yari iteganyijwe, naho ibikorwa birebana no guca imanza (*case management*) byari 33.8%.

Iri genamigambi rigabanyije mo ibice bibiri bikurikira : Ingengo y'imari isanzwe n` Ingengo y'imari y'imishinga y'iterambere.

Ibikorwa byari byateganyijwe mu ngengo y`imari isanzwe byasabaga miliyari cumi n'eshanu na miliyoni magana ane na mirongo itatu n'eshatu, ibihumbi magana abiri n'icyenda n'amafaranga magana abiri na mirongo icyenda (15 433 209 290 Frw), habonetse miliyari cumi n'ebyiri miliyoni magana atanu na mirongo ine n'icyenda n'ibihumbi magana cyenda mirongo inani na bitatu n'amafaranga magana inani mirongo cyenda n'atatu (12 549 983 893 RwF) ni

ukuvuga ko habonetse 81% y'ingengo y'imari yari yasabwe. Ibi byatumye bimwe mu bikorwa byari biteganijwe bidakorwa harimo gusana inkiko z'ibanze za Kicukiro, Kaduha, Gisenyi, Nyakabuye na Kagano no gusana umuyoboro wa internet muri SC, CoA, HCCCIC, TGI Nyamagabe, TGI Rusizi na TGI Gicumbi.

Ku bikorwa by`imishinga y`iterambere harimo imishinga ibiri : Kuzamura ubudakemwa bw`imanza, umushinga uru rwego ruhuriyeho n`Ubushinjacyaha Bukuru, akaba ari umushinga uterwa inkunga n`igihugu cy`Ubuholandi. Undi mushinga ni uwo kubakira inkiko z`ibanze.

Gusa ibikorwa by'inyubako z'Inkiko z'Ibanze, ari nazo zifite umugabane munini mu bikorwa byari biteganyijwe, nta ngengo y'imari byabonye kuko ayabonetse angana na 7% gusa. Inkiko zagombaga kubakwa mu cyiciro cya mbere akaba ari Urukiko rw'Ibanze rwa Gasabo, Mbogo, Nyamata, na Nyamabuye.

### III.7.2 Uko ingengo y`imali yakoreshejwe

Ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari isanzwe riri ku rugero rwa 99% muri rusange. Mu by`ingenzi byakozwe muri iki cyiciro harimo :

- ✓ Kugura imyambaro y'abacamanza 354 hamwe n'imyambaro y'abanditsi 213,
- ✓ Gukata ibyumba byo gukoreramo n`iby`iburanisha mu nyubako nshya Urukiko Rwikirenga n`Urukiko rw`Ubujurire zikoreramo,
- ✓ Kugura ibikoresho byo mu biro mu nyubako nshya ikorerwamo n`inkiko z`ubucuruzi n`Urukiko Rukuru,
- ✓ Gukugura ibikoresho byifashishwa mu gucunga umutekano mu nyubako ikorerwamo n`Urukiko rw`Ikirenga no mu nyubako y`inkiko z`ubucuruzi,
- ✓ Kugura printer 3,
- ✓ Kugura UPS 14 z'inkiko z'ibanze n'ibindi bikoresho (live streaming device).


